



Imfashanyigisho y'Umwarimu

Igihe cya Bibiliya Ishuri rya cya 3 n'iya 4

Icyiciro B
Amasomo 7-12

Bible Educational Services

Umuryango w'Abagiraneza wo mu Bwongereza UK (No 1186004)

Icyo tugamije

Gutunganya amasomo ya Bibiliya no kuyashyikiriza abahuzi kugirango bamamaze ukuri kwa Yesu Kristo ku bisekuruza bizaza ku isi yose.

Icyerekezo

Kugeza ku gisekuru kizaza hamwe na gahunda y'inyigisho yacu yuzuye mu rurimi rwabo mu rwego rwo guteza imbere no gushyigikira abafatanyabikorwa babyiyemeje ku rwego rw'isi.

KUMENYEKANISHA MURI RUSANGE

Icyo 'Bible Education Services' ikora:

Serivisi Ishinzwe Inyigisho za Bibiliya (BES UK) itegura amasomo yitwa "Igihe cya Bibiliya", "Ubugingo Bushya" n' amasomo ya Bibiliya "Gleaners" mu rurimi rw'Icyongereza kandi ikazigeza ku mashuri binyuze mu nzira y'Iposita ndetse n'Imiryango ikoreshe amasomo ya BES mu Bwongereza ndetse no bindi bihugu, ikoreshe kubasura, ikoranabuhanga, ubujyanama ndetse n'amahugurwa. Amasomo agomba guhabwa abanyeshuri b'ingeri zose nta kiguzi.

Amasomo y'igihe cya Bibiliya yakoreshejwe bwa mbere mu gihugu cya Irlande y'Amajyepfo guhera mu myaka 60 ishize. Bible Educational Services ni yo itanga uburenganzira bwo gukoresha Amasomo y'igihe cya Bibiliya ateguye mu Cyongereza ndetse no mu zindi ndimi z'amahanga zose. Amasomo y'igihe cya Bibiliya ubusanzwe yanditswe ku mpapuro za A4, ibi usanga bifasha abanyeshuri ahantu hamwe na hamwe kohereza, muri byumweru bine, impapuro aho ikigo cy'Inyigisho za Bibiliya gikorera kugira ngo zikosorwe. Vuba aha, Umuryango Every Home Crusade (Umuryango w'Uvugabutumwa ry'Ububutse) ryo muri Belfast wasohoye aya masomo amara amezi atandatu ku mpapuro za A5, ibi byafashije cyane mu kuyakoresha mu nsengeru no mu mashuri ku buryo bworoshye, cyane cyane ahantu serivisi z'iposita zidakora neza.

Amasomo ya BES afite umwihariko kuko yateguriwe kwigirwa mu ngo cyangwa mu matsinda (itorero/ishuri), kandi agakurikiza integanyanyigisho yateguwe ituma abanyeshuri bakomeza kuyiga kugeza ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by'amasomo byateguriwe ibyiciro byihariye hakurikijwe imyaka y'abagize itsinda ari byo: Inshuke (Icyiciro 0), imyaka 5-7 (Icyiciro cya 1); imyaka 8-10 (Icyiciro cya 2); imyaka 11-13 (Icyiciro cya 3); imyaka 14-16 (Icyiciro cya 4). Hateguwe integanyanyigisho y'imyaka itatu kuri buri cyiciro. (Reba urup.4). Imyaka yo kujya mu itsinda iri n'iri ishobora guhinduka hakurikijwe ubushobozi bw'umwana. Uburyo bw'Igihe cya Bibiliya buha abana amahirwe yo kwiga Ijambo ry'Imana, kumenya Inkuru zo muri Bibiliya, ndetse n'ubushobozi bwo guhangana n'ingorane bahura nazo ku byerekeye akamaro k'Ubutumwa Bwiza mu mibereho yabo.

Inyigisho zishobora gucapwa ziteguye mu rurimi rw'Icyongereza ushobora kuzisanga ku rubuga nkoranyambaga rwa BES – www.besweb.com cyangwa mu Biro by'Ubunyamabanga Bukuru. Zishobora kandi kuboneka ku rubuga mu zindi ndimi. BES ifite izindi nyandiko zishobora gufasha abantu bose bifuje kugirana ubufatanye na BES, kandi na zo zishobora kuboneka ku rubuga nkoranyambaga.

Aderesi ya BES n'uko watugeraho

Umunyamabanga Mpuzamahanga n'Amajyaruguru (Ububiko bw'ibitabo by'amasomo y'Icyongereza)

37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Telephone: +44 286 632 2462

Urubuga nkoranyambaga: www.besweb.com

Imeli: info@besweb.com

Aho wabariza BES mu Rwanda

Pasiteri: Mbanzabugabo M. Aminadab

Imeli: aminambanza@yahoo.fr

Telephone: +250786625297

AMABWIRIZA AGENEWE ABARIMU

Mu ntangiriro, amasomo 'Igihe cya Bibiliya' yakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita y'ishuli rya Bibiliya, ariko amasomo yakomeje kwiyoungera no gukoreshwa aho ubwo buryo butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuri yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha yateguriwe abakoresha inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' bo mu miterere nk'iyi. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa ku byiciro 3 na 4 by'amasomo ku bana bafite imyaka 11 – 14+

Buri bwiriza ryo kwigisha rikurikiza imirongo ya Bibiliya itangwa no mu isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Amasomo 'Igihe cya Bibiliya' n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa buri cyumweru. Amasomo yo mu kwezi kwa kane avuga ku bya Pasika naho amasomo yo mu kwezi kwa cumi na kabiri akavuga ibyerekeye Noheli.

Bamwe mu bakoresha amasomo yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo amasomo 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga amasomo A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru isomo rizigwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa rikorerwe mu rugo nyuma rigarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya amasomo maze ayakosore, yohereze vuba amasomo ku banyeshuli.

Ibyiza byaba ugukoresha udutabo, maze nyuma ya buri cyiciro, udutabo tugakusanwa maze tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Biryoro mu ishuli udutabo dushobora kusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa umuyobozi bagakosora amasomo mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri somo ry'ukwezi, n'umwanya wo kuvuga uko umunyeshuli atera imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu cy'amasomo.

Tuzanezewa no kwakira ibitekerezo byanyu ku ikoreshwa ry'Amabwiriza Agenewe Abarimu ndetse no ku dutabo tw'Igihe cya Bibiliya kandi bizajya byoherezwa kuri imeli ya info@besweb.com.

UKO ABARIMU BATEGURA AMASOMO

Ntabwo dushaka gutanga amahame adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Ibikurikira n'ibyo tubabwira bishobora kubafasha mu gukoresha ibikoreshe by'Igihe cya Bibiliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba bazi inkuru ya Bibiliya n'isomo Igihe cya Bibiliya rijyana n'iyi nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iryo somo mbere. Amabwiriza kuri buri somo nayo akaba yaritondewe mu myiteguro ifasha ayo masomo.
- **Gusobanukirwa amasomo agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri somo uzabona amagambo 'Turiga ko' akurikiwe n'ibygwaho bibiri abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye mu kwiga isomo 'Igihe cya Bibiliya'. icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyi nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu isomo kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Gutangira:** ku masomo yose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangira inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavugaga ku ngingo itangira inkuru.
- **Kwigisha:** twatanze ingingo z'ingenzi mu nkuru. Twiringira ko abigisha batazazisubiraho mu gihe batanga inkuru, ahubwo bazimenyereza inkuru kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwagisha azashaka ko abana bumva amasomo y'ingenzi ari mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya icyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru itanzwe. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono **UBERAMYE**.
- **Kwiga:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri, kuko twongeraho undi umurongo w'ingenzi uzorohereza abana kumenya. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y'ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi kuri icyo mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.

- **Kubyuzuza:** Mu miterere y'ishuri uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuza imikoro n'ibyo uwigisha agomba kugira mu kubafasha. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'isomo mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera isomo. Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoreshe igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuri, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanzeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.
- **Gusubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Kwerekana:** Turemera ko mu miterere imwe n'imwe kwerekana bizakorana aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanywa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wakura ku rubuga www.freebibleimages.org (FBI). Ahandi wakura ibikoreshe by'amashusho ni: Eikon Bible Art (Info@eikonbibleart.com), ariko ibyo bikoreshe biragurwa. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri Bibiliya wayafotora ukayakoreshe mu kwigisha uyagize manini, uyasize amabara.

Kwigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe n'amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwamo, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'Ingenzi ukoresha:
 - a) Uburyo bwa Hangman mu matsinda abiri – inyuguti izi n'izi – umwanya umurongo w'ingenzi utangwa izo nyuguti zikuwemo – abana bahitamo inyuguti bashaka kugeza ubwo hari umwe umenya wa murongo.
 - b) Urusobe rw'imurongo muri Bibiliya ruraboneka, maze imbaga y'abana bagashaka uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

Ingengabihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ku kwigisha buri somo ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe iki n'iki.
 1. Gutanga no kuvuga inkuru – byafata iminota 15
 2. Kwigisha umurongo w'Urufunguzo – Iminota 5 -10
 3. Kuzuza urupapuro rw'umukoro – iminota 20
 4. Ibibazo n'ibindi - iminota 5 -10

Zirikana uyu mugani w'ingenzi:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,
Nyereka nzibuka,
Nkoreshe niho nzasobanukirwa.”

Integanyanyigisho y'Amasomo y'Igihe cya Bibiliya

	ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10)	ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13)	ICYICIRO 4 (Imyaka 14+)
IBYIGWA BIBANZA	Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa	Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa	Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa
ICYICIRO A	1. Itangiriro 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Aburahamu 6. Aburahamu 7. Petero 8. Petero 9. Yakobo 10. Abakristo ba mbere 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli	1. Itangiriro 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Uusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Isengesho 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli	1. Itangiriro& Kugwa 2. Iremwa - Itangiriro 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Ubuzima bwa Gikristo 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli
ICYICIRO B	1. Imibereho ya mbere ya Kristo 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Imigani 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abantu bahuye na Yesu 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli	1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba Mbere 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abanditsi b'Ivanjili 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli	1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba Mbere 6. Yakobo& Umuryango we 7. Yosefu 8. Ibyakozwe 2: 42 - Gukomeza 9. Mose 10. Mose 11. Itegeko 12. Inkuru ya Noheli
ICYICIRO C	1. Daniyeli 2. Ibitangaza byinshi 3. Abantu bahuye na Yesu 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi& Samweli 6. Dawidi 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Yona 12. Inkuru ya Noheli	1. Daniyeli 2. Abantu Yesu yahuye nabo 3. Ibitangaza byinshi 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Abantu bakoreshejwe n'Imana - IK 12. Inkuru ya Noheli	1. Daniyeli 2. Imigani ya Yesu 3. Imbaraga z'Umwami 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Byinshi ku bantu bo mu IK 12. Inkuru ya Noheli

	B7 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 1 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Abatasi mu Egipta	B7 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 1 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Kugeragezwa mu buto bwe
	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 41: 46-57 na 42: 1-38</i> Uw’ingenzi: <i>Kubara 32: 23</i> Turi bwige ko: 1. Ntidushobora gukora ibyaha ngo tubyikize. 2. Tugomba kwemera ibyaha byacu mbere y’uko twakira imbabazi Umwami Yesu wenyine ashobora gutanga.	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 39: 1-23 na 40: 1-23</i> Uw’ingenzi: <i>Itangiriro 39: 21</i> Turi bwige ko: 1. Yosefu ntiyigeze yemera kugaragezwa. 2. Uwitwaga yari kumwe na Yosefu mubucakara, ibishuko, no gufungwa. Yosefu yizeraga kandi akumvira Uwitwaga.
GUTANGIRA ISOMO	Sobanurira abanyeshuri ko ubukungu bw’Abanyegiputa bwari bushingiyeye ku buhinzi bwabo bwite kugira ngo babone ibiryo kandi imyaka irindwi y’inzara yari ikibazo gikomeye ku baturage. Ibikorwa byari bifite agaciro muri icyo minsi kuko byakoreshezwaga mu bintu byose byo kurya kandi byashoboraga kubikwa igihe kirekire. Ndetse byakoreshezwaga nk’amafaranga. Sobanura ko ubusanzwe Egipta yari imeze neza mu gihe cy’inzara kurusha ibihugu bituranye kubera uruzi rwa Nili.	Ibutsa abanyeshuri inkuru guhera mbere muri B6. Ubu Yosefu ari mu Egipta, ariko ibibazo bye ntibirangira. Imana imwemerera kunyura mu bihe bimwe bigoye, kugirango yitegereze guhangana n’ibibazo biri imbere. Ibutsa abanyeshuri ko Imana rimwe na rimwe itugerageza itwemerera kunyura mu bigerageze bishobora gutuma dukomera cyane, kugirango tuzabashe guhangana n’ejo hazaza.
KURYIGISHA	Vuga Inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Inzara izamara imyaka irindwi (<i>umurongo wa 54</i>) kandi Yosefu niwe wenyine ushobora gutanga ibikenewe (<i>umurongo wa 55</i>) mu bigega byinshi by’ibigori mu bubiko bwa Farawo. 2. Abavandimwe ba Yosefu bagombaga kumanuka muri Egipta gushaka ibigori kubera inzara. (<i>42: 1-3</i>) 3. Yosefu yamenye abavandimwe be, ariko bo ntibamumenyaga. (<i>42: 7</i>) Yabafunze iminsi itatu. 4. Yosefu yakoranye na bene se ku buryo bamenyaga uburyo bamucumuyeho. (<i>42: 21</i>) icyo gihe ni bwo azabababarira. 5. Kwibuka kwabo n’umutimanama wabo ubemeza icyaha cyabo, kandi basobanukiwe n’impamvu y’umubabaro bahura nawo. 6. N’ubwo bari bafite icyaha, Yosefu arabaririra (<i>umurongo wa 24</i>) abaha ibiryo bakomeza urugendo rwabo rwo gusubira kwa se Yakobo, ariko agumisha Simeyoni muri gereza kandi asaba ko Benyamini, umuhungu w’umuherezerezi yaza muri Egipta. 7. Yakobo ararakara cyane igihe bamubwiye ibyabaye byose akavugaga ko atazigera areka Benyamini ngo aye muri Egipta. (<i>42: 38</i>) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 1. Erekanwa: Reba mu ishakiro ry’amashusho ku Mugereka A – Intasi muri Egipta.	Vuga Inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Yosefu yakoresheje neza ibihe by’ubucakara yari arimo muri Egipta kandi abasha kugirira icyizere gikomeye na Potifari (<i>39: 2</i>) 2. Umugore wa Farawo yashinje Yosefu ibinyoma ko yamuteye maze aramufungisha. (<i>39: 11-20</i>) Nyamara Yosefu yari umusore w’inyanyangamugayo wakomeje kwizerana kwiringira Imana, uko byagenda kose kandi Imana yaramutabaye ihindura iki kibazo maze Yosefu aba umuyobozi wa gereza. (<i>39: 21-23</i>) 3. Babiri mu mfungwa bari muri gereza bararose kandi Yosefu abasha gusobanura inzozo zabo. (<i>40: 8</i>) 4. Ibisobanuro bya Yosefu inzozo z’umusutsi mukuru byari ubutumwa bw’ubuzima kuko yari agiye gukurwa muri gereza, ariko gusobanura inzozo z’umutetsi byari ubutumwa bw’urupfu kuko umutetsi mukuru yari gucibwa umutwe. 5. Yosefu yasabye umusutsi mukuru kumwibuka no kumu shakira ubufasha kwa Farawo igihe azaba arekuye, ariko yibagirwa ibya Yosefu neza neza. (<i>40: 14 & 23</i>) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 1. Erekanwa: Reba mu ishakiro ry’amashusho ku Mugereka A – Kugerageza ubusore bwe.
KURISUBIRAMO	Ganira n’abanyeshuri uburyo Umurongo w’ingenzi uvugaga muri make isomo.	Ganira n’abanyeshuri uburyo Umurongo w’ingenzi uvugaga muri make isomo ku bireba: 1. Ubuzima bwa Yosefu mu rugo rwa Potifari; ndetse. 2. Ubuzima bwa Yosefu muri gereza.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Reba akamaro ko gutera umugongo icyaha no guhindukirira Umwami Yesu kugirango atubabarire. 2. Akamaro ko gusobanukirwa 1 Yohana 1: 9: <i>'Ariko nitwatura ibyaha byacu ni yo yo kwizera kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.'</i> 3. Itegereze inzira A, B, C, z’Agakiza - A- Emera ko wakoze icyaha. B- Emera ko Umwami Yesu yagupfiriye ku musaraba. C- Emera ko Yesu ari Umwami w’ubuzima bwawe.	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Ntidukwiye kwemera gutwarwa n’ ibishuko ahubwo dukwiye gusaba Umwami buri muni kudufasha kubitsinda. 2. Ibanga ryo kuba umuhamya mwiza kuri w’Umwami ni ukumenya amahirwe dufite yo guhuza Umwami Yesu n’imibereho bw’undi muntu, muburyo bwo kumazanira Umucunguzi. 3. Reba ibindi Byifuzo Byasomwe, Abefeso 6: 13-17 na Yakobo 1: 12-18, hanyuma urebe uburyo dushobora gutsinda ibishuko mu buzima bwacu.

	B7 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 2 – UBuzima bwa Yosefu Umutwe – Benyamini n'Amakuru mabi!	B7 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 2 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Kuzamurwa mu ntera kwe
	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 42: 35-38; 43: 11-14, 24-31, 44: 1-33</i> Uw'ingenzi: <i>Abefeso 4: 32</i> Turi bwige ko: - Yuda, yifataniye na barumuna be kugurisha Yosefu mu bucuwara, noneho yemeye kuba imbata ubwe kugirango akize Benyamini. (44: 33) - Imana irashobora gukora kubantu bafite imitima yinangiye kandi igatera impinduka zuzuye mu buzima bwabo.	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 41: 1-45</i> Uw'ingenzi: <i>Itangiriro 41: 38</i> Turi bwige ko: - Yosefu yahise azamuka hejuru - kuva mu bucuwara kugeza kuba Minisitiri w'intebe wa Misiri. Ibyo ari byo byose twibonamo, dukwiye kubifata nka gahunda yo guhugurwa Imana ifite ku buzima bwacu. - Nk'uko Farawo yamenye ko Yosefu yarimo 'umuntu uyobowe n'Umwuka w'Imana' (41: 38), ni ko abakuzi bagomba kubona Imana muri wowe, ku bikorwa byawe byiza n'ubuzima bwawe bwubaha Imana.
GUTANGIRA ISOMO	Ganira n'abanyeshuri uburyo icyaha cya bene se ba Yosefu kitabateje amakuba gusa ahubwo cyazanye intimba ikomeye kuri se Yakobo. Sobanura uburyo icyaha gishobora kugira ingaruka zikomeye ku muryango no ku nshuti, ndetse natwe ubwacu.	Yosefu yakuwe mu nzu y'imbohe kugira ngo yitabe Farawo. Ubushobozi Yosefu yahawe n'Imana bwo kubwira Farawo ibyerekeye inzozo ze byashimishije Farawo cyane ku buryo yahaye Yosefu umwanya wo hejuru wa 'Minisitiri w'intebe'. (Itangiriro 41: 41) Yosefu yari umwizerwa ku Mana mu bihe bigoye (Isomo rya 1) kandi Imana na yo yari umwizerwa kuri we.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Inzara ikomeye kunuma maze abavandimwe bagaruka na none muri Egipta gushaka ibiryo. Yakobo yanze cyane kurekura Benyamini ngo ajye mu Egipta. (43: 11-13) Yosefu wenyine ni we washoboraga kubaha ibyo bakeneye kandi akababara. - Abavandimwe bese batumiwe kwa Yosefu ngo basangire, kandi ntibamumenya. (43: 16) - Abavandimwe bagize ubwoba ariko bishimira ibirori byatanze na Yosefu ibwami. Yosefu ararira abonye murumuna we Benyamini. (43: 30) - Ategeka ko igikombe cye cya feza gishyirwa mu mufuka wa Benyamini, kugira ngo avuye ko Benyamini yibye kandi agomba guhanwa. (44: 17) - Muri iki gihe cyose, Yosefu ari kugerageza no gusuzuma niba bene se biteguye imbabazi ari hafi kubaha. Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 2. Erekana: FBI – Reba muri FBI iri ku mugereka A – Benyamini n'inkuru mbi!	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Abapfumu n'abanyabwenge ntibashoboye gusobanura Inzozo za Farawo, ariko Imana yari yarahishuriye Yosefu ibisobanuro. (41: 8) - Ubumenyi bwa Yosefu ku Mana bwamufashije gusobanura inzozo kandi yongera guha Imana icyubahiro. (41: 16) - Yosefu yahaye Farawo gahunda yo kurokoka imyaka irindwi y'inzara yakijije abantu benshi muri Egipta ndetse n'umuryango we ku bilometero byinshi. (41: 33-36) - Yosefu azamurwa mu ntera agirwa umutware w'igihugu cya Egipta. Yahawe izina rishya ahabwa umukobwa w'umuyobozi ukomeye wo mu Egipta kuba umugore we, kugira ngo bigaragare ko yubashywe cyane. (41: 41-45) Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 2. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Kuzamurwa mu ntera kwe i bwami.
KURISUBIRAMO	Sobanurira abanyeshuri ko: - Hariho ubukene mu buzima bwacu kugeza twatuye ibyaha byacu tukaza kuri 'Yosefu w'umwuka', Umwami Yesu, kugirango tubabarirwe. - Umunsi mukuru wumugisha utegereje abababariwe, cyane cyane mu bihe bizaza mu Ijuru. mwijuru.	Baza abanyeshuri ibibazo bijyanye (i) inzozo, (ii) ibisobanuro byazo, no (iii) kuzamurwa kwa Yosefu, bizabafasha gusubiza neza ibibazo mu cyigisho cya 2.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Gutekereza ko icyaha gitera umubabaro. - Iyo twihanyeye kandi twatuye ibyaha byacu Umwami Yesu yiteguye kutwumva no kutubabarira. - Iyo Umwami Yesu atubabariye, natwe tugomba kubabarira abaducumuyeho. (Abefeso 4: 32)	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Nk'uko Yosefu yari yiteguye hafi ku bintu byose kubera umubano we mwiza n'Imana, natwe tugomba kwigira ku urugero rwe. Niba turi abakristo, amasengesho no Kwiga Bibiliya ni ngombwa mu gushaka ubushake bw'Imana n'icyerekezo cy'ubuzima bwacu. - Soma ahanditse Ibindi Ushobora Gusoma maze umenye icyo umwanditsi wa zaburi Dawidi & Intumwa Pawulo bavuze kuri Yosefu nyuma y'imyaka myinshi apfuye kandi ibyo dusoma tubyimike mu buzima bwacu bwite. Zaburi 105: 16-22 n' Ibyakozwe 7: 9-10 - Yosefu yahoraga yitondera guha Imana icyubahiro kandi natwe tugomba kwitonda tukabikora. Kukiheha agaciro twikururira icyubahiro cy'Imana.

	B7 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 3 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Imbabazi n'inkuru nziza!	B7 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 3 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Kwita ku bantu kwe
	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 44: 18-34; 45: 1-14, 25-28</i> Uw'ingenzi: <i>Itangiriro 45: 9</i> Turi bwige ko: 1. Nubwo abavandimwe ba Yosefu bifuzaga kumukuraho, Imana yakoresheje ibikorwa byabo bibi kugirango irinde ubuzima bwabo, ikize Egiputa kandi itegure inzira yo gutangira ishyamba rya Isiraheli. 2. Nk'uko Yosefu yanzwe nyuma akababwirira abavandimwe be, Imana iratubabwirira kandi iduha imigisha n'ubwo tutayikunda.	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 42 na 43</i> Uw'ingenzi: <i>Abaroma 14: 11-12</i> Turi bwige ko: 1. Abavandimwe ba Yosefu bagomba kwerekwa no kwemera icyaha cyabo mbere y'uko bababwirirwa. 2. Nk'uko abavandimwe ba Yosefu bunamye bakamwumvira, ni ko buri wese muri twe azunama imbere y'Umwami Yesu Kristo mu bihe bizaza kandi tukemera ko ari Umwami.
GUTANGIRA ISOMO	Igihe Yosefu yabonaga ko bene se bababaye rwose, yahishuye uwo ari we maze arababwirira ati: <i>“Ndi Yosefu.”</i> (<i>Itangiriro 45: 4</i>) Muganire n'abanyeshuri uburyo 'Yosefu wo mu ijuru, Umwami wacu Yesu Kristo', na we yiyise 'Ndi' muri ibi bikurikira: Yohana 6: 35 – <i>umugati w'ubugingo</i>; Yohana 8: 12 – <i>umucyo w'isi</i>; Yohana 10: 7 – <i>umuryango</i>; Yohana 10: 11 – <i>umwungeri mwiza</i>; Yohana 11: 25 – <i>izuka n'ubuzima</i>; Yohana 14: 6 – <i>inzira</i>; Yohana 15: 1 – <i>umuzabibu</i>.	Ubwa nyuma Yosefu abona barumuna be, hashize imyaka igera kuri makumyabiri, bamugurisha ku bacuruzi nk'umucakara w'Abamidiyani ku bicuri makumyabiri by'ifeza. Yosefu agomba kuba yaribazaga niba bakiri babi kandi barahemutse cyangwa barahindutse uko imyaka yagiye ihita. Yahisemo kubashyira mu bizamini bicye kugirango abashe kubimenya!
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: 1. Igikombe cya feza cyari ikimenyetso cy'ububasha bwa Yosefu kandi kucyiba byari icyaha gikomeye. Noneho abavandimwe bari bafite impungenge ko Benyamini ashobora kugirirwa nabi nibasubira mu ngo ya Yosefu, Yuda afata iya mbere yisabira guhabwa igihano cya Benyamini. (44: 33) 2. Aho guhanwa abavandimwe bahawe imbabazi (45: 5) maze Yosefu abasobanurira uburyo Imana yashozaga imigambi yayo mu buzima bwe, ititaye ku byo bakoze. 3. Abavandimwe be basubira kwa Yakobo bafite ubutumwa bwiza ko Yosefu ari muzima, bamwerekana impamo yoherejwe na Yosefu. (45: 26-27) Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Imbabazi n'amakuru meza!	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: 1. Abavandimwe ba Yosefu baza muri Egiputa bakeneye kugura ibigori. Yosefu abavugisha 'gato', byerekanaga ko agiye kubakangurira kwemera icyaha cyabo mbere n'uko bababwirirwa. (42: 6-7) 2. Yosefu abafunga iminsi itatu. Mu mutimanama wabo bari bazi ko bacumye kuri Yosefu ni uko bemera icyaha. (42: 21) 3. Nubwo Yosefu ahana abavandimwe be, abikora abigiranye urukundo tubwirwa mu Itangiriro 42: 24 ko yarize. Hano turabona ubuntu nyabwo muibikorwa nk'uko Yosefu akomeza kwereka abavandimwe be urukundo badakwiriye. 4. Ku nshuro ya kabiri basuye Yosefu, bazanye Benyamini, abavandimwe be bunamye imbere ye kandi bemera ubutware bwe. (43: 26-28) Hano turabona inzizi za Yosefu, mu Itangiriro 37: 7 ziba impamo. Ibi bitwerekana ko Ijambo ry'Imana ryahumetswe kandi ari ukuri! 5. Yosefu arakorwaho cyane abonye abonye murumuna we Benyamini, yinjira mu kindi cyumba, ararira. (43: 30) Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Umwifato we w'imbabazi.
KURISUBIRAMO	Huza iri somo n'Uw'ingenzi: <i>“Imana yangize umutware wa Egiputa yose!”</i> na <i>“Nimumanuke muze aho ndi, ntumutinde.”</i> Ganira n'abanyeshuri uko Yakobo yitwaye yishimiye aya magambo yombi. (45: 9)	Fata iyi Mirongo ibiri y'Urufunguzo hanyuma maze uganire n'abanyeshuri uburyo ari incamake y'iri somo.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Ibyiza byo kumenya Umwami Yesu ari muzima mu Ijuru, kandi ko ari Umwami wa bose, nk'uko Yosefu yari muzima muri Egiputa n'umutegetsi muri rusange. 2. Akamaro ko gusobanukirwa ko Umwami Yesu atazatubabwirira gusa ahubwo azaduha imigisha myinshi mu gihe tumwizeye. 3. Na none, kwibutsa abanyeshuri ko dukeneye gukurikiza urugero rw'Imana rwo kubabwirira tubabwirira abandi, nk'uko Umwami Yesu yigishije mu isengesho rye asabira abigishwa. (Matayo 6: 12)	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Ni iki twigira ku buntu Umwami Yesu agira mu Abaroma 5: 21? 2. Nk'uko Yosefu yagaragarije urukundo abavandimwe be bamugirirye nabi, tubona urukundo rwinshi rwerekanwe n'Umwami Yesu igihe yapfiraga abanyabyaha nkatwe i Karuvari. Soma muri Luka 23: 34 hanyuma ubitekerezeho neza. 3. Inzizi za Yosefu mu Itangiriro 37: 7-8 zabaye impamo mu Itangiriro 43: 26. Soma ahanditse ibindi Wasoma, Zaburi 51 n'Abafilipi 2: 9-11 hanyuma utekereze uburyo aya masomo ashimangira ko tugomba kwatura ibyaha byacu kandi ko dukeneye kumenya ko 'Yesu Kristo ari Umwami'.

	B7 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 4 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Bose muri Egipta	B7 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 4 – Ubuzima bwa Yosefu Umutwe – Imbabazi ze zikomeye
	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 46: 1-7; 26-34</i> Uw’ingenzi: <i>Itangiriro 50: 20</i> Turi bwige ko: 1. Ubudahemuka bwa Yosefu bwagize ingaruka nziza ku muryango we wose no kubazanira imigisha myinshi. 2. Yosefu ni urugero nyarwo rw’amasezerano y’Imanamuri 1 Samweli 2: 30 hagira hati: "Abanyubaha nzabubaha."	Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 44 na 45</i> Uw’ingenzi: <i>Abaroma 5: 10</i> Turi bwige ko: 1. Igihe abavandimwe ba Yosefu baturaga ibyaha byabo ubushuti bwabo na Yosefu bwaragarutse ;natwe iyo twatuye kandi twihannye ibyaha byacu, dushobora kwinjira mu bushuti nyabwo n’Umwami wacu Yesu. 2. Nk’uko Yosefu yatanze byinshi kuri bene se muri Egipta ni ko Umwami Yesu yatanze byinshi ku bantu be kandi azabajyana mu Ijuru ahazaba umunezero n’ibyishimo bidashira.
GUTANGIRA ISOMO	Sobanurira abanyeshuri uburyo Imana isohozza umugambi mu buzima bwa Yosefu. Umuryango we wose wavuye i Kanani uza kubana na we i Gosheni, mu Misiri. Ariko, Kanani yasezeranijwe Aburahamu n’abamukomokaho, ariko hagati aho Imana yari ikuye umuryango wa Yosefu m’ububi bw’Abanyakanani bari bateye umugongo Imana. Nyamara, nk’uko Imana yari yarabisezeranije, ishyanga rya Isiraheli ryasubiye i Kanani.	Mu byo twabanye kwiga mbere, twamenye uburyo Yosefu yakoranye ubuhanga kugirango afashe benese kwatura ibyaha byabo. Irembo irakinguye kugira ngo Yosefu abababarire kandi yiyunge na bene se rwose kandi ubushuti bwabo bwari bwarangiritse buragaruke.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Imana ibwira Yakobo kuva iwe akajya mu gihugu kidasanzwe kandi cya kure kandi imwizeza ko izamwitaho. (46: 2-3) 2. Umuryango wose hamwe n’ibintu byabo byose bajya muri Egipta. (46: 5-7) 3. Umuryango wa Yakobo wageze i Gosheni maze amarira arisuka hagati ya Yosefu na Yakobo. (46: 29) 4. Nyuma y’urupfu rwa Yakobo, abavandimwe batinyaga ko Yosefu yazihorera kuri bo ariko barabaturunguwe; ntiyabababariye gusa ahubwo yemeye no kubitaho n’imiryango yabo. (50: 15- 21) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 4. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Bohe hamwe muri Egipta.	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Mbere y’uko abavandimwe be basubira kwa se Yakobo, i Kanani, Yuda yemeye kuguma muri Egipta no kuba imbata mu mwanya wa Benyamini. Izi ni impinduka nk’izabaye igihe bagurisha Yosefu mu bucakara bigatera Yakobo intimba y’imyaka myinshi! Ubuntu bw’Imana bwariho bukorera mu mutima we. 2. Yosefu yihishurira abavandimwe be ababwira ko Imana ishobora byose burundu. (45: 4-5) 3. Yosefu ararira, ahobera Benyamini, kandi asoma bene sebose. (45: 14) 4. Farawo yabwiye abavandimwe ba Yosefu kuzana se n’imiryango yabo muri Egipta kandi ko azabatunga. (45: 17-19) 5. Abavandimwe be babwira Yakobo ko Yosefu ari muzima kandi abonye amagare yoherejwe kubazana bose muri Egipta, Yakobo amenya ko Yosefu ari muzima kandi ko azongera guhura na we! (45: 25-28) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 4. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Imbabazi ze zikomeye
KURISUBIRAMO	Baza witonze abanyeshuri kugirango ibibazo byabajijwe bizabafashe kubona ibisubizo by’ibibazo biri muri iri somo rya 4.	Saba abanyeshuri ibitekerezo by’ukuntu 'Ubutumwa bwiza' muri iyi nkuru yerekeye Yosefu bumeze nk " Ubutumwa bwiza 'buvuga ku Mwami Yesu: 1. Nk’uko Yosefu yari muzima, Yesu ni muzima muri iki gihe. 2. Nk’uko Yosefu yari umutegetsi muri Egipta ni ko Umwami Yesu ari Umwami w’Abami n’Umutware w’Abatware. 3. Nk’uko Yosefu yatanze umuryango we, Umwami Yesu yatanze ibyo dukeneye byose kugirango dukizwe; ndetse 4. Nk’uko Yosefu yazanye umuryango we muri Egipta, Umwami Yesu arashaka ko tuza aho ari kugira ngo dukizwe kandi atujyane mu Ijuru ubuziraherezo.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Nk’uko Yosefu agomba kuba yaribajije kenshi ku hazaza he; ntidushobora kumenya buri gihe ibizaba. Ariko, nk’abakristo, dushobora kwizera ko Imanizubahiriza ibyo yadusezeranyije. 2. Imana ishobora kunesha imigambi mibisha hamwe n’ubutegetsi bw’iyi si uyu muni kandi ikatuzanira ibisubizo byayo.	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Tugomba kuba twiteguye kwatura no kwihana ibyaha byacu, no kwiringira Umwami Yesu wadupfiriye. icyo gihe tuzamenya kubabarira kandi tukitegura no kubabarira abandi. 2. Imana yari kumwe na Yosefu kandi ibi nabyo byemejwe nyuma y’imyaka myinshi mu Isezerano Rishya na Sitefano mbere y’uko ahorwa Imana nk’uko biragaragara mu bindi byasomwe. (Ibyakozwe 7: 12-15).

	B8 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 1 – Abanditsi b'Ubutumwa Bwiza Umutwe – Matayo	B8 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 1 – Uburyo bwo gukura Umutwe – Abakristo bashyize hamwe
	Gusoma Bibiliya: Matayo 9: 9-13; na 27: 37-42 Uw'ingenzi: Matayo 16: 16 Turi bwige ko: 1. Igihe Yesu yahamagaraga Matayo, Umuyudai, umukoresheakoro, yahise yumvira adatinze, akurikira Yesu. 2. Ariko abayuda benshi banze kwakira Yesu, ndetse, baramubamba.	Gusoma Bibiliya: Ibyakozwe 2: 41-44, Ibyakozwe 4: 32-35 Uw'ingenzi: Ibyakozwe 2: 42 Turi bwige ko: 1. Gihe abantu babaga abakristo, bamenye akamaro ko kubana n'abandi aho batuye, bagashaka gukura mu kwizera kwabo. 2. Bashakaga kandi gufashanya mu buryo bwose bushoboka kandi bagasangira ibyo batunze.
GUTANGIRA ISOMO	Sobanurira abanyeshuri ko Matayo yari umukozi wa gasutamo. Abo bantu bangwaga cyane n'Abayuda kubera ubugome babakoreraga, bakaga imisoro myinshi mu bantu kandi bagakorerwa inyungu z'Ingoma y'Abaroma bari abatware b'Abayuda muri kiriya gihe.	Sobanurira abanyeshuri ko Petero yari umwe mu bigishwa ba Yesu kandi ko yahakanye Yesu igihe yabambwaga. Nyamara Yesu yari yaramubabariye hnayuma aza kubwira abantu ashize amanga ibya Yesu. Amakosa ye ntabwo yari akomeye cyane ku buryo atashoboraga kubabariwa, hanyuma aza gukoreshwa cyane kubera Imana.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: 1. Matayo yahise yitaba umuhamagaro w'Umukiza. 2. Matayo yasize akazi k'ubuhemu kugira ngo ahinduke umwigishwa w'Umwami Yesu ako kanya. Yari umwe mu bigishwa cumi na babiri. (9: 9) 3. Yahawe icyubahiriro cyo kwandika Ivanjili ya Matayo kandi yerekana uburyo Yesu ari Umwami utegerejwe kuva kera Abayuda bita Mesiya. 4. Vuga muri make inkuru ya Matayo ivuga ukuza k'Umwami Yesu kandi ushimangire uburyo Matayo asobanura ko ubuhanuzi bwinshi bwo mu Isezerano rya Kera bwerekeye Umwami Yesu bwashoye igihe yazaga kuri iyi si. (Matayo 1 & 2) 5. Matayo yanditse ibisekuru bya Yesu, umurimo we w'ivugabutumwa kandi asoza urubanza rwe, urupfu, guhambwa, n'izuka rye - urufatiro rw'agakiza kacu, bituma igitabo cy'e cyitwa 'Ubutumwa bwiza'. Reba imitwe ibiri mu mpapuro zaibigaragaza "Umwami bwari bwarasezeranijwe kuva kera," na "Umwami yaranzwe kandi arabambwa". Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 1. Erekana: muri FBI iri ku mugereka A - Matayo	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: 1. Petero, umwe mu bigishwa ba Yesu, yabwirije abantu benshi ubutumwa bwiza asobanura ko bakeneye kwihana ibyaha byabo no kwizera Kristo muzima. Benshi bahindutse Abakristo kandi bakira agakiza ka Yesu Kristo - 3.000 biyongereye ku 120 baribasanzwe mu Itorero! Tekerezanya hamwe n'abanyeshuri uburyo ibi byaba bitangaje kubona abantu benshi gutyo bakkira agakiza mu gihe gito nk'icyo! (2: 38-41) 2. Aba bakristo bashya batangiye gukorera hamwe mu gace bari batuyemo - itorero ryashingwa. Bunze ubumwe n'abandi bakristu, bumva inyigisho z'intumwa, kandi bitabira guhurira hamwe kugirango busabane, bibuka urupfu rwa Yesu no gusenga. Sobanurira abanyeshuri uburyo bakeneye kubana n'abantu babafasha kwiga Ijambo ry'Imana, gusenga, no gukura mu gakiza kwabo. (Ibyakozwe 2: 42) 3. Abakristu bose bahuriye hamwe kandi barasangira. Ibi ntibisobanuye byanze bikunze ko basangiye byose, ariko basangiraga n'abakeneye, nk'umuryango. Basobanukiwe akamaro ko kuba abavandimwe muri Kristo n'uburyo ibyo bivuze gusangira no gukundana muri Kristo. (Ibyakozwe 2: 42-47) Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 1. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Abakristo bashyize hamwe.
KURISUBIRAMO	Subiramo isomo ubaza abanyeshuri ibibazo bizabafasha gusubiza ibibazo byabajijwe mu isomo rya 1.	Mu matsinda ya babiri, kora urutonde rwinzira zifatika zigaragaza ko abakristo muri iki gihe bakura kandi bazamura kwizera kwabo, nk'umuryango.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Gutekereza gusubiza ako kanya no kwiyegeurira Umwami Yesu. 2. Gushima Yesu atabaye Umwami w'Abayuda gusa ahubwo yabaye n'Umwami w'Abami n'Umutware w'Abatware w'abami kandi ko, kubw'ibyo, dukwiriye kumwizera no kumukorera. 3. Kumva ko Umwami Yesu atari akeneye kwikiza kandi byari ngombwa ko aguma ku musaraba kugirango akize abanyabyaha nkatwe. Bwira abanyeshuri ibi bikurikira: <i>'We ubwe ntiyashoboraga kwikiza, We ku musaraba agombaga gupfa, bitaba ibyo imbabazi ntizihabwe abanyabyaha.. ' - Albert Midlaneo</i>	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Niba turi Abakristo, turemeza neza ko tumarana umwanya nabandi Bakristo, dusabana kandi twigira bamwe ku bandi? Ntidushobora gukura mu Mwuka keretse twize Ijambo ry'Imana, tugasengera hamwe. 2. Tugomba kandi gutekereza ku nshingano zacu zo gufashanya mu buryo bwose bushoboka, nk'abavandimwe muri Kristo. Umuryango w'Imana ukora neza mu gihe abawugize bakoreye hamwe. 3. Urumva warakozwe ibyaha byinshi cyane ku buryo utabasha gukorera Yesu ? Petero yari yarahakanye Yesu, nyamara yakoreshejwe mu kugeza abantu ibihumbi ku butumwa bwiza - Imana irashobora kubikora mu buzima bwawe!

	B8 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 2 – Abanditsi b'Ubutumwa Bwiza Umutwe – Mariko	B8 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 2 – Uburyo bwo gukura Umutwe – Umubatizo wa Gikristo
	Gusoma Bibiliya: <i>Ibyakozwe 12: 5-12; Mariko 1: 29-42</i> Uw'ingenzi: <i>Mariko 10: 45</i> Turi bwige ko: - Mariko mu Butumwa Bwiza bwe yibanze kuri Yesu nk " Umukozi w'Intungane 'kandi yandika ku byo yakozwe birenze ibyo yavuze. - Mariko yerekana uburyo Umwami Yesu ahitamo abandi ngo bamukore.	Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 28: 16-20, Ibyakozwe 8: 34-39, 18: 8</i> Uw'ingenzi: <i>Ibyakozwe 2: 41</i> Turi bwige ko: - Umubatizo ni igikorwa cyo kumvira Kristo. - Abantu benshi muri Bibiliya bahindutse Abakristo barabazirwa bashyira ukwizera kwabo mu bikorwa. - Umubatizo ni ikimenyetso cyemeza ko dukurikiye Kristo.
GUTANGIRA ISOMO	Mu Ivanjili ya Mariko dufite inkuru y'Umwami Yesu wavuye mu luru azaku isi atazanywe no gukorerwa, ahubwo aje gukora, no gutanga ubuzima bwe ku musaraba I Karuvari nk'incungu kuri benshi. (nko mu murongo w'urufunguzo). Akiri ku isi, Umwami Yesu yumviye byimazeyo ubushake bw'Imana kandi imirimo yayo ikomeye yakorwaga mu mbaraga z'Umwuka Wera w'Imana. Birashimishije kandi kumenya ko Mariko, umwanditsi, yatangiye neza, awureka mu mu gihe gito, ariko nyuma akaza gusubira mu bikorwa by'ingirakamaro (<i>Timoteyo 4:11</i>) kubw'Uwiteka.	Baza abanyeshuri niba barigeze kubatizwa cyangwa kureba umubatizo. Basabe kuvuga ibyababaye; uko byari bimeze. Byagenze bite? Batekereza ko bisobanura iki?
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Mariko yakomokaga mu ruho rwakoreshwaga n'Abakristu b'i Yerusalemu, basengaga basabira Petero kurekurwa na Herode wari warishe Yakobo. (<i>Ibyakozwe 12: 5-12</i>) - Mariko yashakaga gukorera Imana mu gukwirakwiza Ubutumwa Bwiza kandi n'ubwo yajyanye na Pawulo bubw'ishyamba rye mu rugendo rwabo rwa mbere rw'ivugabutumwa, yarabasize asubira i Yerusalemu. (<i>Ibyakozwe 12: 25, & 13: 13</i>) - Pawulo yabonaga ko kuva mu murim kwa Mariko ari inenge kandi ntiyemereraga Mariko kumuherekeza mu rugendo rwe rwa kabiri rw'ivugabutumwa. (<i>Ibyakozwe 15: 37-39</i>) Ariko, Mariko yaje kugaruka no kugarurirwa icyizere na Pawulo, akomeza gukorera Umwami Yesu. - N'ubwo Mariko yari yarananiwe mu murimo we, yanditse cyane mu Ivanjili ya Mariko, ku byo Umwami Yesu yakozwe igihe yari hano ku isi, cyane cyane ibatangaza bye. Yashyizemo gukiza nyirabukwe wa Simoni, kukiza ibibembe no guturisha umuyaga igihe abigishwa bari mu bwato ku nyanja ya Galilaya. - Shimangira imitwe ibiri iri mu nyandiko ibigaragaza "Mariko asobanura Yesu nk'umukozi utunganye". "Mariko yerekana ko Umwami Yesu akoresha abandi kugira ngo bamukore." Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 2. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Mariko	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Mbere y'uko Yesu ava ku isi, yahaye abigishwa be Inshingano Nkuru. Nibwo yababwiye kujya ku isi yose bagahindura abantu abigishwa no yose no kubabatiza mu izina rya Data, Mwana, na Mwuka Wera. Yesu yabasezeraniye kubana nabo nk'uko babikora. Yabahaye kandi ububasha bwo kubikora. (<i>Matayo 28: 18-20</i>) - Yesu yari yabwiye abigishwa kubatiza abantu. Umubatizo uhuza abizera na Yesu Kristo mu rupfu rwabo ku byaha no kuzuka kwabo mu buzima bushya. Bagira ubuzima bushya iyo babaye abakristo. Biyambuye ubuzima bwabo bwa kera, batangira ubundi bushya, kubera amaraso Yesu yamennye ku musaraba. Umubatizo ubigaragariza abantu bose imbona nkubone. (<i>Abaroma 6: 3-7</i>) - Umubatizo ushushanya kandi kugandukira Kristo, ubushake bwo kugendera mu inzira y'Imana, no kumenyana n'abantu bafite isezerano ry'Imana. - Mu nkuru yo mu <i>Byakozwe 8</i>, Filipa abwira inkone y'Umunyetiyopiya Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. ihinduka Umukristo ihita ibatizwa. - Mu <i>Byakozwe 18: 8</i>, Pawulo, intumwa, ayobora abantu benshi kuri Yesu Kristo. Umubatizo usa n'ukangurira abantu kubikurikirana nk'umwuga wabo mu byo kwizera. Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 2. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Umubatizo wa Gikristo.
KURISUBIRAMO	Subiramo isomo ukoreshye ibibazo bikurikira: - Nigute Mariko yerekana Umwami Yesu mu butumwa bwiza? - Mariko yakomotse mu muryango ki? Kubera iki? - Mariko yashakaga gukora iki mu buzima bwe? - N'ubwo Mariko yatengushye Pawulo mu rugendo rwa mbere rw'ivugabutumwa, twabwirwa n'iki ko yongeye kugarurwa mu murimo? - Vuga ibikorwa bimwe na bimwe Yesu yakozwe akiri ku isi.	Sobanukirwa Inshingano Nkuru (<i>Matayo 28: 16-20</i>) - Yesu ashobora gute gutegeka ibyo bintu? (<i>umurongo wa 18</i>) - Ni ayahe mabwiriza ane abigishwa bahawe? - Kuba umwigishwa bisobanura iki? Ni ibikorwa bikomeza? - Yesu yabasezeranyije iki niba bakurikiza amategeko ye?
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Vuga igikorwa dushobora gukora mu murimo w'Umwami Yesu. - Gutera imbere mu murimo we n'ubwo dushobora kuba twarananiwe kera. - Kwizera Yesu mu bigeragezo no mu magorwa y'ubuzima	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Weguriye Yesu ubuzima bwawe kandi urashaka kumwiba mu ubuzima bwawe bushya? - Warabatijwe wumvira Ijambo rye? Niba atari byo, ni ukubera iki?

	B8 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 3 – Abanditsi b'Ubutumwa Bwiza Umutwe – Luka	B8 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 3 – Uburyo bwo gukura Umutwe – Ameza y'Umwami
	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 1: 1-4; Luka 4: 1-13</i> Uw'ingenzi: <i>Luka 19: 10</i> Turi bwige ko: - Luka ashimangira ko kimwe no kuba Umwana w'Imana, Umwami Yesu yari 'Umuntu utunganye'. - Ibigaragezo byerekana ko Umwami Yesu adashobora gucumura kandi kubera ko yari umuntu wera, udacumura, ashobora kuba Umukiza wabanyabyaha.	Gusoma Bibiliya: <i>Mariko 14: 22-25, 1 Abakorinto 11: 23-31</i> Uw'ingenzi: <i>1 Abakorinto 11: 26</i> Turi bwige ko: - Yesu yadutegetse kumwibuka muburyo budasanzwe. - Tugomba kuzirikana akamaro bwo kumwibuka.
GUTANGIRA ISOMO	N'ubwo Luka n'Ibyakozwe byandikiwe Tewofili, tuzi bike kuri we. Izina rye 'ryiza cyane' (<i>Luka 1: 3</i>) ryerekana ko yari umutegetsi. Izina rye risobanura 'inshuti y'Imana'. Birashoboka ko yari umukirisitu ufite akazi ashinzwe mu bwami bw'Abaroma. Luka yamuhaye inkuru yanditse y'ubuzima bwa Yesu kugirango ahagarike amakosa igihe yatanze kumanwa.	Saba abanyeshuri gutekereza ku buryo bibuka umuntu utakiri kumwe na bo, wenda nko ku mafoto, cyangwa kwibuka bidasanzwe. Yesu yasigiye abigishwa inzira yihariye yo kumwibuka mugihe azaba atakiri kumwe na bo.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Luka yari Umunyamahanga w' umuganga w'Umukristu witonda wari inshuti magara cyane y'intumwa Pawulo. (<i>Abakolosayi 4: 14</i>) - Luka avugaga Yesu akivuka ko ari 'Umukiza ari we Kristo Umwami' (<i>Luka 2: 11</i>). Ni Imana yihinduye umubiri. - Luka yanditse ko Yesu yari atunganye rwose mu mikurire ye isanzwe (<i>Luka 2: 52</i>). Ubwiyongere bw'Umwami mu bwenge buvuye gukura kwe mu mutwe, kwiyongera kwe mu gihagararo bivuye gukura kwe ku mubiri, gukura kwe 'gushyigikira Imana' bivuye gukura kwe mu mwuka kandi 'gushyigikira umuntu' bivuye gukura kwe. - Sobanura muri make ibigeragezo bya Yesu (<i>Luka 4: 1-13</i>) hanyuma werekane uburyo ibi bigaragaza ko yari intungane kandi ko atabasha kwemera ibigeragezo. - Muri <i>Luka 23</i>, dufite inkuru y'urupfu rw'Umwami kandi hari ibitekerezo byiza byavuzwe na Pilato kuri We, umwe mu bisambo ndetse n'umutware utwara umutwe w'abasirikare, byose byerekana ko Umwami Yesu atunganye. (<i>Luka 23: 14, 41 na 47</i>) Sobanura ko ari ngombwa ko Yesu atagira icyaha; bitabaye ibyo ntabwo yashoboraga gupfa kubw'ibyaha byacu. Uyu munsu Uyu Muntu Utunganye ari mu Ijuru kandi arashakaga gukiza abanyabyaha. Yitaye ku bantu be kandi bamwizewe nk'Umukiza n'Umwami. Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A - Luka	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n'abanyeshuri kandi usobanure: - Ijoro ryanyuma abigishwa na Yesu bari kumwe, Yesu afata umugati na divayi arabashimira. Yavuze ko umutsima ari umubiri we, washenjagwe ku bwabo na divayi ni amaraso ye, yamenetse ku bwabo. Hanyuma ababwirira kurya umugati no kunywa vino bamwibuka. (<i>Mariko 14: 22-25</i>) - Abigishwa ntibasobanukiwe neza, kuko Yesu wenyine ni we wari uzi ibyendaga kuba. Ariko abigishwa bagombaga kwibuka iri tegeko. - Iyi niyo nzira idasanzwe ku Bakristo bibuka kandi bakazirikana urupfu n'imibabaro y'Umwami Yesu, bafata umugati na divayi. (<i>1 Abakorinto 11: 23-26</i>) - Nk'uko Pasika yari ibirori byo gukiza Isiraheli kuva mu bucakara muri Egiputa, ni ko gufata umugati na divayi byari umunsi mukuru wo gukurwa mu byaha muri Kristo. - Umwami Yesu abwira abigishwa be gufata umugati na divayi gusa kugeza igihe azagarukira. Ntabwo byari ukwibuka ubuzima bwa Yesu n'urupfu rwe gusa, ahubwo byari no kwibutsa ubwami bw'Imana bwasezeranijwe! - Yesu yashakaga gusangira n'abigishwa be iryo funguro rya Pasika nk'uko Yesu ubwe yagombaga guhinduka Umwana w'intama wa Pasika nyawe, watambwe kubw'ibyaha by'abantu. Byagereranywaga kandi no gutanga umubiri we n'amaraso ku bigishwa. (<i>1 Abakorinto 5: 7</i>) Sobanura Umurongo w'urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku mugereka A – Ameza y'Umwami.
KURISUBIRAMO	Subiramo isomo ukoresheje ibibazo bikurikira: - Ni ubuhe butumwa bukubiye mu Ivanjili ya Luka? - Akazi ka Luka kari akahe? - Kuki yandikiye Tewofili? - Ni ubuhe butumwa bukubiye mu mazina yahawe Yesu akivuka 'Umukiza ari we Kristo Umwami'? - Kuki Luka yanditse ku bigeragezo? - Reba muri <i>Luka 23: 14, 41 na 47</i> hanyuma muganire kubyo abo bagabo bavuze kuri 'Umuntu utunganye'.	Mu <i>1 Abakorinto 11: 27-31</i>, havugaga ko tugomba kwisuzuma mbere yo gufata ibi bimenyetso mu kwibuka. Muganire ku byo utekereza ko bisobanuye.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Ubona ute Umwami Yesu - nk " Umuntu utunganye 'cyangwa nkabandi bantu bose? - Wigeze wizera uyu muntu utunganye nk'umukiza wawe? Niba ari byo, urimo kubwira abandi ibye?	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Twebwe, nk'Abakristo, dufata umugati na na vino tuzirikana cyane ku cyo bihagarariye? - Tunezererwa "Isezerano Rishya" ko tutagomba kunyura mu baherezabitambo n'ibitambo, ahubwo ko twigererayo binyuze kuri Yesu?

	B8 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 4 – Abanditsi b'Ubutumwa Bwiza Umutwe – Yohana	B8 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 4 – Uburyo bwo gukura Umutwe – Gukura nk'Abakristo
	Gusoma Bibiliya: <i>Yohana 20: 26-31</i> Uw'ingenzi: <i>Yohana 20: 31</i> Turi bwige ko: - Yohana ashimangira ko Yesu ari 'Umwana w'Imana'. - Umwami Yesu yakoresheje imvugo 'Ndi' inshuro nyinshi kandi kubikora yerekanaga ko aringaniye n'Imana kuko Imana yiyise 'Ndi' mu Isezerano rya Kera. <i>(Kuva 3: 14-15)</i>	Gusoma Bibiliya: <i>1 Petero 2: 1-3, 2 Petero 3: 18, Ibyakozwe 17: 10-12</i> Uw'ingenzi: <i>1 Petero 2: 2</i> Turi bwige ko: - Abakristo bagomba gukura buri muni mu kwizera kwabo. - Hariho byinshi byo kwigwa ku buntu no gusobanukirwa Imana ku muntu wese.
GUTANGIRA ISOMO	Yohana atangira Ivanjili ye avuga ko Yesu ari 'Jambo'. <i>(Yohana 1: 1)</i> Amagambo ni bwo buryo gusobanuramo cyangwa tugaragariza abandi ibitekerezo byacu. Imana yigaragarije muri iyi si mu buryo bw'Umwana wayo, Umwami Yesu Kristo, igihe Umwana w'Imana yabaga Umwana w'umuntu, yabyawe n'isugi Mariya i Betelehemu, mu myaka irenga 2000 ishize. Mu kudupfira, yatweretse uburyo Imana idukunda; bityo, ni we ugaragaza ibitekerezo by'Imana kuri twe.	Muganire nk'itsinda uko ibintu bikura urugero. inyamaswa, impinja, ibimera, ibiti. Ni iki gikenewe kugirango bikure? Bigenda bite iyo bitabonye ibyo bikeneye?
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: - Itegeko rya mbere (<i>umurongo 1-3</i>) Imana yatanze kwari ukugira ngo batagira izindi mana cyangwa ibigirwamana bitari Yo. Ibigirwamana ni ikintu cyose gifata umwanya w’Imana mu buzima bwacu. Ibi byari ingenzi cyane ku Mana; iyi niyo mpamvu ari itegeko rya mbere. Yesu ubwe yabyemeje muri <i>Matayo 4: 10</i>. - Itegeko rya kabiri (<i>umurongo wa 4</i>) ryababuzaga kwiremera ibindi bigirwamana. Ibi birasa nk’aho byoroshye, ariko ubwoko bwa Isiraheli buvuye muri Egipta, ahantu hashobora kuba hari ibigirwamana n’izindi mana byinshi. Yesu ashimangira iri tegeko muri <i>Luka 16: 13</i>. - Itegeko rya gatatu (<i>umurongo wa 7</i>) ntabwo bagombaga gukoresha nabi izina ry’Uwiteka Imana yacu. Izina ry’Imana ntirisanze, kandi ntirigomba gukoreshwa nabi. Uburyo dukoreshe izina rye butwereka uko tumwumva. Tugomba gukoresha izina rye mu guhimbaza no kuramya, ntabwo dukoreshe umunwa mubi cyangwa gutukana. - Itegeko rya Kane (<i>umurongo wa 8-11</i>) kwari ukubahiriza Isabato nk’umunsi wera, utandukanye n’indi minsi itandatu mu cyumweru. Imana yaremye ijuru n’isi mu minsi itandatu hanyuma iruhukira ku Isabato kandi tugomba gukurikiza urugero rwayo. Imana ishaka ko tugira umunsi wo kuruhuka no kuyisenga hamwe n’ibyo yaremye. - Itegeko rya gatanu (<i>umurongo wa 12</i>) kwari ukubaha se na nyina. <i>Muganire kubyo icyubahiro bivuze n’uburyo dushobora kubaha ababyeyi.</i> Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 2. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Kumenya Imana.	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: - Rimwe mu Mategeko Icumu yahaye Abisiraheli kwari ukubahiriza umunsi w’Isabato no kuwukomeza ukaba uwera, weguriwe Imana. (<i>Kuva 20: 8-11</i>) - Imana ubwayo yaremye ijuru n’isi mu minsi itandatu iruhuka ku muni wa karindwi. Iradutera inkunga yo kubikora kandi tukagira umunsi umwe mu cyumweru utandukanye n’iyindi, twiyeguriye kuruhuka no kuyisenga no kubahiriza ibyo yaremye. (<i>Itangiriro 2: 2</i>) - Imana yari yaranatangiye gushyiraho ubu buryo hamwe n’abisiraheli binyuze mu mabwiriza yabo yo gutoragura manu. (<i>Kuva 16: 22-26</i>) - Igihe Yesu yari ku isi, abantu ntibishimiye "kubahiriza" iri tegeko. Bamushinje ko yarenze kuri iri tegeko igihe yakizaga abantu ku Isabato. Ibi byabaye inshuro nyinshi. Imwe muri zo iboneka muri <i>Luka 13: 10-17</i>. - Yesu yerekanye uburyarya bwabo nk’uko bo ubwabo bari kwita ku matungo yabo ku cyumweru, nyamara Yesu ntiyashoboraga kwita ku muntu? Bari bafashwe cyane mu Mategeko no kubahiriza Amategeko ku buryo bibagiwe icyo Imana ishaka mu buzima bwabo. (<i>Luka 13: 15-17</i>) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 2. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Inzira y’Imana.
KURISUBIRAMO	Reba muri <i>Matayo 22: 37-40</i> hanyuma uganire uburyo iyi mirongo ishobora kuvugira kuri make amategeko Icumu. Baza ibibazo bifasha abanyeshuri kurangiza Isomo rya2	Gira itsinda ryungurana ibitekerezo ku byerekeye kubahiriza Isabato yera n’ababyumva ku buryo butandukanye, mugire impande ebyiri: “Ababishyigikiye” na “Abatabishyigikiye”.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Ese tujya dushyira izindi mana cyangwa ibigirwamana imbere y’Imana? Tugomba kumenya neza ko ibindi bintu urugero nka siporo, TV, akazi, n’ibindi bitagomba gufata umwanya w’Imana. - Ese turahira cyangwa dukoreshe izina ry’Imana mu buryo butari bwo? Tugomba kwitonda tugafata izina ry’Imana nk’iridasanzwe kandi ryera. - Twizihiza icyumweru cyacu nk’umunsi wihariye utandukanye n’iyindi? - Ese twubaha data na mama?	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Nta n’umwe muri twe ushobora kubahiriza amategeko yose; turi abanyabyaha kandi ntidushobora kugera ku mahame y’Imana ubwacu. (<i>Abaroma 3: 23</i>) - Ntidushobora gushimisha Imana gusa tugerageza gukurikiza aya mategeko. - Yesu Kristo yaje kugira ngo dushobore gukiranuka n’Imana, no kwihanganira igihano cy’ibyaha byacu. Niba tumwakiriyemo mu buzima bwacu, aduha Umwuka Wera kugirango adufashe kubaho ubuzima bwacu nk’uko bikwiye.

	B11 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 3 – Mose Umutwe – Kubaha Imana	B11 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 3 – Itegeko Umutwe – “Mbere na Mbere Imana”
	Gusoma Bibiliya: <i>Kuva 20: 13-21; Matayo 19: 16-30</i> Uw’ingenzi: <i>Matayo 19: 21</i> Turi bwige ko: 1. Imana yatanze aya mategeko agomba kubahirizwa. 2. Mu kubahiriza aya mategeko, ntibisobanura ko tuzagira ubuzima bw’iteka. 3. Dushobora rimwe na rimwe gushyira ibindi bintu mu buzima bwacu imbere y’Imana.	Gusoma Bibiliya: <i>Kuva 20: 12-21, Mariko 10: 17-31</i> Uw’ingenzi: <i>Matayo 6: 24</i> Turi bwige ko: 1. Amategeko n’amabwiriza ni ngombwa kandi agomba kubahirizwa. 2. Amategeko n’amabwiriza byonyine ntabwo bizabyara umubano mwiza n’Imana cyangwa ubugingo buhoraho. 3. Dushobora gushyira mu buryo bworoshye ibindi bigirwamana mu mwanya w’Imana.
GUTANGIRA ISOMO	Tekereza uburyo tugerageza kubahiriza amategeko ku ishuri ariko rimwe na rimwe tukibagirwa tukayarengaho. Ahari utange ingero. Sobanura ko ibyo biterwa n’uko turi abantu buntu ndetse n’abanyabyaha kandi ntidushobora gutungana nk’Imana.	Tekereza uburyo tugerageza kubahiriza amategeko ku ishuri ariko rimwe na rimwe twibagirwa tukayarengaho. Tanga ingero. Sobanura ko ibyo biterwa n’uko turi abantu buntu n’abanyabyaha kandi ntidushobora gutungana nk’Imana. Ntidushobora kubona inzira itujyana mu ijuru biturutse ku bikorwa byacu.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Itegeko rya gatandatu ryabuzaga kwica. Reba muri Matayo 5: 21-22 urebe ibisobanuro bishya bya Yesu ku bwicanyi. <i>Reba uburyo ibi bigira ingaruka ku buryo dufata abantu muri iki gihe.</i> 2. Itegeko rya karindwi ryabuzaga gusambana. 3. Itegeko rya munani ryabuzaga kwiba. Mu Isezerano Rishya, Yesu yongeye gusobanura ibi avuga ko nihagira uwiba ishata yawe, noneho nawe umuhe ikoti yawe! (Matayo 5: 40) 4. Itegeko rya cyenda ryabuzaga kuvuga nabi umuturanyi wawe. Sobanurira abanyeshuri ko ibi bivuze kubeshya kubyo undi muntu yakoze cyangwa gusiga igice cy’inkuru yose. <i>Reba muri Matayo 12: 36 urebe icyo Yesu yavuze kuri iki kibazo.</i> 5. Itegeko rya cumi ryabuzaga cyangwa kugirira ishyari ibyo abandi bantu bafite. Kurarikira bisobanura kutagira icyizere Imana itanga byose. 6. Soma Matayo 19: 16-30 hamwe n’abanyeshuri. Muganire ku buryo Yesu yerekana ko kubahiriza aya mategeko yose bidasobanura ko uzaba ubonye ubuzima bw’iteka. Agakiza ntigaturuka ku bikorwa byiza byonyine ariko hagomba kubaho gukunda Imana, nubushake bwo kureka byose ukizera Umwami Yesu. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Kubaha Imana	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Igihe Yesu yazaga ku isi, kwari ugusohozza Amategeko kandi yahinduye amwe mu Mategeko: (Matayo 5: 17-18) 2. Itegeko rya gatanu - wubahe So na Nyoko - Matayo 10: 37 hatwerekaga uko Yesu afite uko abona ibintu kuri iki kibazo. 3. Itegeko rya gatandatu - ntukice. Reba muri Matayo 5: 21-22 urebe ibisobanuro bya Yesu by’ubwicanyi. Reba uburyo ibi bigira ingaruka ku buryo dufata abantu muri iki gihe. 4. Itegeko rya karindwi - ntugasambane. Matayo 5: 27-28 hatwerekaga ibisobanuro bya Yesu. 5. Itegeko rya munani - ntukibe. Yesu na we arabisobanura neza. (Matayo 5: 40) 6. Itegeko rya cyenda - ntugashinje nabi umuturanyi wawe. Sobanurira abanyeshuri ko ibi bivuze kubeshya kubyo undi muntu yakoze cyangwa gusiga igice cy’inkuru yose. Reba muri Matayo 12: 36 urebe icyo Yesu yavuze kuri iki kibazo. 7. Soma muri Mariko 10: 17-31. Muganire ku buryo Yesu yerekana ko agakiza kadaturuka ku bikorwa byiza ariko hagomba kubaho gukunda Imana, ubushake bwo kureka ubutunzi no kwizera Yesu byuzuye. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzza Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Mbere na Mbere Imana.
KURISUBIRAMO	Mu matsinda mato, tekereza ku bintu bishobora kuba mu mibereho yacu bishobora kuba bifite akamaro kuruta Imana, bitubuza gushyira Imana imbere. Muganire ku buryo bufatika bw’uburyo dushobora kuvanaho ibyo bintu, (ntabwo byanze bikunze kubikuraho) kugirango dushyire imbere Imana imbere mu buzima bwacu. (Reba muri Matayo 6: 33)	Igihe Yesu yazaga ku isi, yaje ari impinduramatwara. Yigishije ko imirimo myiza no kumvira Amategeko bidahagije. Yesu yitanze nk’igitambo kugirango ibyaha byacu bibabwirwe. icyo tugomba gukora ni ukumwizera no kwizera ko yadupfiriye.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Turatekereza ko niba turi beza kandi twumvira ababyeyi, abarimu, n’ibindi ko Imana izashimishwa nabyo kandi ko tuzabona ubuzima bw’iteka? Reba Abefeso 2: 8-9 2. Tuzakora ikosa nkumusore wumukire tugende tubabaye kuko tudashakaga kugira ibyo tureka kubw’Imana?	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Tumeze nka wa musore w’umukire dutekereza ko turi beza bihagije kandi tugakurikiza amategeko yose? Gukurikiza amategeko nibyiza ariko ntibizaduha ubuzima bw’iteka cyangwa umubano n’Imana. 2. Duheshwa ubuzima bw’iteka no kwizera Yesu, ntabwo tubukeshya ibyo dukora. Umwami Yesu ni yo nzira yonyine yo kugera ku Mana. (Yohana 14: 6) (Reba kandi Abefeso 2: 8)

	B11 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 4 – Mose Umutwe – Gusuzugura Imana	B11 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 4 – Itegeko Umutwe – “Ijambo ry’Imana”
	Gusoma Bibiliya: <i>Kuva 32: 1-26</i> Uw’ingenzi: <i>Kuva 32: 26</i> Turi bwige ko: 1. Abisiraheli bongeye kutumvira Imana. 2. Imana yagiriye imbabazi abayikurikiye kandi ihana abatarayumviye.	Gusoma Bibiliya: <i>Mariko 7: 1-23</i> Uw’ingenzi: <i>1 Timothy 1: 15, Romans 5: 8</i> Turi bwige ko: 1. Abafarisayo bari indyarya. 2. Imigenzo ntigomba kuba ingenzi kurenza Ijambo ry’Imana. 3. Yesu yahamagariye abayoboze be kweza imitima yabo.
GUTANGIRA ISOMO	Saba abanyeshuri gutekereza ku gihe basabwe kudakora ikintu.... Ariko bikarangira bagikoze uko byagenda kose! Ni izihe ngaruka? Sobanura ko ibyo ari byo byabaye hano kandi ko Abisiraheli bibagiwe Imana bagasubira gusenga ibigirwamana.	Tekereza ku migenzo dufite, wenda mu miryango yacu cyangwa mu itorero. Bimwe muri ibi bishobora kuba byiza ku bandi bikaba bibi. Imigenzo myiza imurikira Ijambo ry’Imana kandi idusunikira kuyikorera no kuyumvira. Ariko ntigomba na rimwe kuba ingenzi kuruta Ijambo ry’Imana.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Abisiraheli ntibabashije kwihangana bategereje ko Mose azamanuka avuye ku musozi wa Sinayi. Noneho, babaje ibigirwamana kugirango babisenge. (32: 1-4) Bashakaga gukora ikigirwamana cyabo bashoboraga gukora no kwiyobora. Bamaze kwibagirwa Amategeko abiri yambere. (Kuva 20: 1-5) 2. Imana yari yiteguye kurimbura ishyamba ryose kubera kutumvira kwabo ndetse n’icyaha (32: 10) ariko Mose yingizwe Imana ngo itabikora. Imana yerekana urukundo n’imbabazi zayo hano mu kutabarimbura bose. Sobanura ibisobanuro by’imbabazi (kurindwa igihano gikwiye). 3. Imana yagiriye imbabazi abashaka gukurikira Umwami (32: 26) ariko kubandi, bishwe kubwo kutumvira. 4. Mose yatengushye Aroni azira kuyobya ubwoko bwa Isiraheli. Yari akwiye kumenya ko ibyo Abisiraheli bakoraga atari bibi ariko ahubwo yumvise ibirego byabo kandi abafasha gukora iyi nyana ya zahabu kugirango bayisenge. (32: 22-24) <i>Rimwe na rimwe dukora ibintu tuzi ko bidakwiye, kubera ko abandi bose babikora?</i> Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuza Isomo 4. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Gusuzugura Imana	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Mugihe Yesu yari ku isi, Amategeko ayo Mose n’Abisiraheli bari barahawe yari agikoreshwa. Ariko, amategeko menshi y’inyongera yariyongereye kumigenzo, ntabwo yaturutse ku Mana, kubyerekeye kubaho. 2. Abafarisayo bacaga imanza cyane kuko bari baje kugerageza Yesu. Banenze abigishwa ba Yesu kubyo bakoze, bavugaga ko barenze ku mategeko y’Imana. (Mariko 7: 5) 3. Abafarisayo bari abantu b’indyarya. Ibikorwa byabo byigaragarizaga hanzu, kugirango bese babirebe ariko bitavuye mu mitima yabo, yari kure y’Imana. Basengaga kubera impamvu zitari zo; kuberako bashakaga kugaragara ko ari abera no kwizamura mu ntera. (Mariko 7: 6-8) 4. Yesu yashinje Abafarisayo kutumvira Amategeko y’Imana, kubera amategeko yabo bwite bari barashyizeho. urugero kutita kuri ba nyina na se. Yabacyahaga kubera kubahiriza amategeko n’imigenzo bigaragara ko ari abera aho kubaha Imana. (Mariko 7: 9-13) 5. Yesu yigishije abigishwa akamaro k’umutima wera n’uburyo imico mibi, ibyaha bidashobora kuva mu buzima bwacu niba tudashatse kugira umutima wejejwe. (Mariko 7: 17-23) Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuza Isomo 4. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Ijambo ry’Imana.
KURISUBIRAMO	Baza abanyeshuri ku nkuru y’uyu muni nk’uburyo bwo gusuzuma isomo no kubafasha kurirangiza.	Saba abanyeshuri kureba muri Mariko 7: 21-22 hanyuma ubigereranye n’Abafilipi 4: 8. Muganire ku ndangagaciro dukwiriye kugira mu mibereho yacu kandi twabigeraho dute?
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Nk’uko Imana yagiriye imbabazi Abisiraheli n’ubwo bakoze ibyaha, ishobora kutugirira imbabazi natwe dusabye imbabazi z’amakosa twakoze. 2. Imana ni Imana yuje urukundo kandi ntishaka kuduhanira ibyaha byacu. Niyo mpamvu yohereje Umwana wayo ngo adupfira kugirango tutagomba gufata igihano dukwiye, kandi igihe twizeye Umwami Yesu dushobora kubabwirwa.	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Ntudukwiye kwihutira guca imanza no gushinja abantu tutarebye uko imitima yacu imeze n’impamvu zacu bwite. (Matayo 7: 1-2) 2. Kimwe n’Abafarisayo, ntutugomba kwishora mu mategeko n’imigenzo yacu kandi tukabibona nk’inzi yonyine yo kubaho. Ibi bishobora kutubuza kubaha Imana no kuyikunda. Niba ushidikanya, dukwiye kureba Umwami Yesu kugirango atuyobore kubyerekeye imyitwarire yacu.

	B12 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 1 – Ibyishimo bya Noheli Umutwe – Amasezerano y’Imana	B12 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 1 – Ibyishimo bya Noheli Umutwe – Havutse Umwana w’Umuhungu
	Gusoma Bibiliya: <i>Yesaya 9: 1-7; Mika 5: 2</i> Uw’ingenzi: <i>Yesaya 9: 6</i> Turi bwige ko: 1. Ivuka rya Yesu ryahanuwe imyaka amagana mbere y’uko avuka. 2. Abantu benshi bari bategereje bategereje ivuka rya Yesu. 3. Yesu ni Mesiya wategerejwe kuva kera, Umucyo w’isi.	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 1: 26-38; Luka 2: 1-7</i> Uw’ingenzi: <i>Luka 1: 35</i> Turi bwige ko: 1. Ivuka rya Yesu ryujuje ubuhanuzi bwanditswe hashize imyaka amagana. 2. Mariya na Yosefu bari biteguye gukoreshwa n’Imana muri gahunda yayo ku isi. 3. Ivuka rya Yesu ntirigeze rimenyekana i Betelehemu.
GUTANGIRA ISOMO	Baza abanyeshuri niba barigeze bamenya umuntu wese utwite. Basobanurire ko bamara igihe cy’amezi 9 bategereje ko umwana avuka. Abahanuzi bari barabwiye Abisiraheli ibyerekeye ukuza Yesu ariko bagombaga gutegereza imyaka amagana mbere yuko avuka.	Ganira n’abanyeshuri uburyo dushobora gukora gahunda .urugero: ibiruhuko, isabukuru y’amavuko, ubukwe, gusura inshuti. Reba uko twifata mu gihe iyi gahunda itagenze neza cyangwa itagenze uko tubitekereza. Muganire ku kuntu Mariya yari afite umugambi wo kurongorwa na Yosefu ariko Imana yari ifite umugambi ukomeye kuri we na Yosefu.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Ganira n’abanyeshuri uburyo tutabasha kumenya ibitego biva mu mukino w’umupira w’amaguru igihe utaratangira, cyangwa icyo tuzakora mu myaka 40. Ntidushobora guhanura ibyo. Nyamara Yesaya na Mika bari barahanuye ko Yesu azaza ku isi, imyaka amagana mbere y’uko ibyo biba. 2. Umuhanuzi Yesaya avuga uburyo abantu bari mu mwijima bazabona umucyo mwinshi uzabamurikira ndetse no mu mwijima mwinshi. <i>(Yesaya 9: 2)</i> Saba abanyeshuri kureba <i>Yohana 8: 12</i> kugirango barebe uwo mucyo ukomeye uwo ari wo. 3. Saba abanyeshuri kureba <i>Matayo 4: 14-16</i> kugirango barebe uko ubwo buhanuzi bwo muri Yesaya bwashoye, nyuma y’imyaka amagana. 4. Ganira n’abanyeshuri uburyo gahunda ikomeye y’agakiza k’Imana ku isi yari itangaje n’uburyo abayuda bari bategereje imyaka amagana kugirango iyi gahunda isohozwe. Benshi mu ribo ntibabaye ngo bamubone yavutse. Reba ukuntu bitangaje kuba dufite inkuru y’ubuzima bwa Yesu bwo muri Bibiliya kugirango dushobore kumumenya ubwacu nk’Umukiza wacu. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 1. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Amasezerano y’Imana	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Imana yohereje marayika Gaburiyeli kubwira Mariya ko azabyara. Mariya yagize ubwoba kuko yari isugi kandi ntiyumvaga uko bizagenda. Ariko umumarayika aramwizeza amubwira ko yabonye ubutoni ku Mana. <i>(Luka 1: 26-34)</i> 2. Mariya ashobora kuba atarasobanukiwe neza n’ibyabaye, ariko yari azi ko agomba kwizera Imana. <i>(1: 38)</i> Muganire ku buryo twakwitwara ku makuru ashobora guhindura ubuzima bwacu ubuzirahereze. 3. Igihe Mariya yari akuriwe cyane, Mariya na Yosefu byabaye ngombwa ko bajya i Betelehemu bava i Nazareti kugira ngo babarurwe. Iri barura ryategetswe na Augusto. <i>(Luka 2: 1-5)</i> Muganire ku kuntu Augusto ashobora kuba yaratekereje ko ateguka ariko mu by’ukuri, Imana yari iyobowe, kandi ibyo byari bimwe mubihe byagenwe na gahunda y’uko Umwami Yesu agomba kuvukira i Betelehemu. 4. Yesu yavukiye i Betelehemu kugirango asohoze ubuhanuzi bwa Mika. <i>(Mika 5: 2)</i> Reba impamvu gusohora k’ubuhanuzi bwa Yesu byari ngombwa. 5. Igihe Yesu yavukaga, Mariya yamufubitse ibitambaro, amushyira mu kiraro. <i>(2: 7)</i> 6. Muganire ku kuntu Abayuda baba bategereje Umwami wabo wari utegerejwe kwima ingoma, nyamara Yesu yavukanye n’amatungo. Sobanura uburyo tutagomba gushidikanya Imana kandi dutegereje ko ibintu binyura mu nzira runaka. Ibi byari muri gahunda y’Imana kuri Yesu. Yayoboraga Mariya na Yosefu kandi akabaha ibyo bakeneye byose. Soma <i>2 Abakorinto 8: 9</i>. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 1. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Havutse Umwana w’umuhungu.
KURISUBIRAMO	Soma muri <i>Yesaya 9: 6 & 7</i> hamwe n’abanyeshuri hanyuma muganire kuri buri mutwe wanditse kuri Yesaya yahanuye wasobanura Yesu. Shakisha hamwe n’abanyeshuri uburyo Umwami Yesu ashobora guhamagarwa na buri wese muri bo.	Saba abanyeshuri kwishyira mu mwanya wa Mariya cyangwa Yosefu. Basabe kwandika igitabo cyanditse uhereye kuri Mariya cyangwa Yosefu, ukurikije ibyabaye muri ubu bushakashatsi.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Saba abanyeshuri gutekereza kubiranga urumuri n’uburyo Yesu ashobora kwitwa umucyo w’isi. <i>(Yesaya 9: 2)</i> 2. Saba abanyeshuri kubona Yesu nk’umucyo w’isi. Iyo tubonye amatara ya Noheri, birashoboka ko bazatwibutsa ko Yesu ari umucyo wukuri, woherejwe kwisi kugirango adukize umwijima nigihano cyibyaha byacu. 3. Abanyeshuri bashobora gukora ingengabihe ifite izina cyangwa izina rya Yesu bitandukanye, ya buri muni ku minsi yose ibanziriza Noheli.	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Reba niba abanyeshuri biteguye nka Mariya kwakira imigambi y’Imana mu buzima bwabo, n’ubwo dushobora kutabumva. 2. Twakira dute uyu Yesu, abantu bari bategereje igihe kirekire? Turamubona gusa nk’umwana mu kiraro kuri Noheri? Cyangwa niwe Mukiza ushaka kubaho iminsi yose?

	B12 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 2 – Ibyishimo bya Noheli! Umutwe – Igitangaza cya Mariya!	B12 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 2 – Ibyishimo bya Noheli! Umutwe – Umukiza yatuvukiye
	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 1: 26-38</i> Uw’ingenzi: <i>Luka 1: 32</i> Turi bwige ko: 1. Ubuhanuzi buvuka kuri Yesu bwabaye impamo, bwerekana ko iki cyari igice cy’ingenzi muri gahunda yigenga y’Imana. 2. Twebwe, kimwe na Mariya na Yosefu, dushobora kwishyiraho gahunda ariko gahunda z’Imana mu buzima bwacu zizahora zisumba izacu.	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 2: 8-20</i> Uw’ingenzi: <i>Luka 2: 11</i> Turi bwige ko: 1. Abamarayika bo mu ijuru bishimiye ukuza kwa Mesiya, Kristo. 2. Abungeri bashimishijwe no guhura n’uyu mwana Yesu nyuma yibyo bumvanye abamarayika. 3. Tugomba natwe kwishima no kwishimira ivuka rya Yesu.
GUTANGIRA ISOMO	Ganira n’abanyeshuri uburyo dushobora gukora gahunda. Urugero: ibiruhuko, ibirori by’amavuko, ubukwe, gusura inshuti. Reba uko twifata mu gihe iyi gahunda itagenze neza cyangwa itagenze uko twashakaga koigenda. Muganire ku kuntu Mariya yari afite umugambi wo kurongorwa na Yosefu ariko Imana yari ifite umugambi ukomeye kuri we na Yosefu.	Tekereza uburyo kuvuka k’umwana gusanze gutangazwa, wenda n’ababyeyi babo, ukoresheje ikarita cyangwa n’amashusho y’umwana. Habaho umunezero n’ibyishimo. Sobanura uburyo Yesu atari umwana usanzwe kugirango ivuka rye ritagombaga gutangazwa mu buryo busanzwe! Wibuke ko yaje mu bantu basanzwe, ariko abungeri ni bo ba mbere bumvise ivuka rye.
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Imana yohereje marayika Gaburiyeli kwa Mariya kumubwira ko azabyara, n’ubwo yari atarashaka. (<i>umurongo wa 26-31</i>) 2. Mariya yarahangayitse kandi ntiyumva uko ibyo byabaho, nyamara marayika amwizeza ko yabonye ubutoni ku Mana kandi ko nta kidashoboka ku Mana. (<i>umurongo 34-37</i>) Ganira n’abanyeshuri icyo bivuze. 3. Erekanaga ibintu by’ingenzi byerekana ko Mariya yakomokaga i Galilaya naho Yosefu agakomoka kuri Dawidi. Ganira n’abanyeshuri impamvu ibi ari ngombwa cyane; abahanuzi bavuze ko uyu Mesiya uza azava i Galilaya (<i>Yesaya 9: 1</i>) kandi azakomoka kuri Dawidi. (<i>Yesaya 9: 7</i>) Ibi bintu byari bigize ishusho nini isohozza ubuhanuzi bwose. 4. Mariya ashobora kuba atarasobanukiwe neza n’ibyabaye, ariko yari azi kwiringira Imana. (<i>umurongo wa 38</i>) Muganire ku buryo twakwitwara ku makuru nk’aya yahindura ubuzima bwacu ubuziraherezo. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 2. Erekanaga: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Igitangaza cya Mariya	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Ijoro Yesu yavukiye, abungeri bari mu rwuri baragiye intama zabo. Erekanaga ko mu bisanzwe nijoro kuragira intama byaba mu mutuzo kandi birashoboka ko bitoroshye kubashumba. (<i>umurongo wa 8</i>) 2. Ariko muri iryo joro, habaye ikintu gitangaje! Umumarayika arababonekera kandi bose bafite ubwoba! <i>Baza abanyeshuri uko bari kubyumva. (umurongo wa 9)</i> 3. Umumarayika yari yaje kubabwira ko Yesu, Umukiza, yavutse. (<i>umurongo wa 11</i>) 4. Hanyuma n’abamarayika benshi bagaragara hamwe na marayika baririmba bahimbaza Imana, bishimira ukuza k’Umwami Yesu ku isi. <i>Sobanura ukuntu iri yerekwa ryaba ryiza kubashumba, mu mwijima n’intama. (umurongo wa 13-14)</i> 5. Abamarayika bamaze kugenda, abungeri bihuriye kujya kureba uyu mwana ubwabo. <i>Reba uko bashobora kuba barumvise muri iki gihe; birashoboka ko batekerezagako babitekerereje, cyangwa ko marayika yibeshye.</i> 6. Basanze umwana nk’uko marayika yabisobanuye! (<i>umurongo wa 16</i>) Bashimye kandi bahimbaza Imana batangira kubwira abantu bose ibyerekeye Umukiza wavutse. (<i>umurongo wa 17 na 20</i>) 7. Tekereza ukuntu abungeri bashimishijwe no kubona uyu mwana nuburyo bahise batangira kubwira abantu ibye kandi bashakira kubwira abandi ubutumwa bwiza. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 2. Erekanaga: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Umukiza yatuvukiye
KURISUBIRAMO	Andika amasezerano yose marayika Gaburiyeli atanga mu murongo w’ingenzi. Ni iki twigira kuri uyu murongo kivuga ku Mwami uza ndetse n’icyo yaje gukora? Twizera rwose ko aya masezerano yerekeye Yesu?	Kora icyapa cyangwa igishushanyo cyomekwa ku rukuta cyerekana uburyo utekereza iri tangazo ry’ivuka ryari rimeze. Shyiramo ibyo umumarayika yavuze (Umurongo w’ingenzi) mubyerekanwe.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Turiteguye nka Mariya kwakira imigambi y’Imana mu buzima bwacu, n’ubwo tudashobora kubyumva? 2. Twakwifata dute imbere ya Yesu, abantu bari bategereje igihe kinini? 3. Twiteguye kwizera Uwitwaga ejo hazaza hacu, n’ubwo gahunda zishobora kutagenda uko tubyifuza?	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Turishimye nk’abashumba kubwira abandi amateka ya Yesu? Uratekereza rwose ko ivuka rye ari ryiza nk’iriyabo? 2. Twizihiza Noheri kubw’impamvu zikwiye? Byose bijyanye n’impano n’ibirori cyangwa twishimira ko Yesu yaje ku isi ngo atubere Umukiza?

	B12 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 3 – Ibyishimo bya Noheli! Umutwe – Kuvuka kwa Yesu	B12 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 3 – Ibyishimo bya Noheli! Umutwe – Kuramya Umukiza
	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 2: 1-7</i> Uw’ingenzi: <i>2 Abakorinto 8: 9</i> Turi bwige ko: - Ivuka rya Yesu ntirigeze rimenyekana i Betelehemu. - Yesu, Umwana w’Imana yari umuntu koko. - Ivuka rye ryujuje ubuhanuzi bwanditswe hashize imyaka amagana.	Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 2: 1-12</i> Uw’ingenzi: <i>Matayo 2: 11</i> Turi bwige ko: - Igihe Yesu yavukaga, bamwe baramwakiriye ariko abandi ntibamwakira. - Imana yashakishaga Yesu, Mariya & Yosefu ikabarindira umutekano.
GUTANGIRA ISOMO	Ganira n’abanyeshuri uko bari kubyifatamo mu gihe umwami cyangwa umwamikazi baramutse baje gusura umujyi utuyemo; abantu birashoboka ko bari kwishima cyane kandi bagakora ibirori byinshi! Ariko igihe Yesu yavukaga, nta wabimenye. Ntibyari byamenyekanye. Yewe, nta n’ubwo yari afite umwanya wo kumucumbikira kandi uburiri bwe bwari ikiraro cy’amatungo.	Saba abanyeshuri gutekereza kubyo dukora igihe umwana avutse. Reba uburyo tubagurira impano, uko tuyajya kubasura, uko dufata umwana! Sobanura ko kiba ari igihe gishimishije cyo kwishimira!
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: - Mariya na Yosefu bagombaga kujya i Betelehemu bava i Nazareti kugira ngo babarurwe; kubarurwa no kwiyandikisha. Reba uburyo uru rugendo rwaba rururire umudamu utwite, cyane cyane igihe iminsi yo kubyara yegereje. <i>(umurongo 1-4)</i> - Iri barura ryategetswe na Augustus. <i>Muganire ku kuntu Augustus ashobora kuba yaratekereje ko ayobora ariko muby’ukuri, ni Imana yari iyobowe, kandi ibi byari bimwe mu bihe byagenwe na gahunda yayo.</i> - Igihe bari bahari, Yesu yaravutse, amatungo yari mu kiraro maze na we ashirirwa mu kiraro. <i>(umurongo wa 7)</i> - Yesu yavukiye i Betelehemu kugirango asohoze ubuhanuzi buvuka ko Mesiya azavukira i Betelehemu. <i>(Mika 5: 2)</i> - Reba impamvu Yesu asohozwa ubwo buhanuzi kuko byari ngombwa. <i>Muganire ku buryo ibyo bitari ibintu bisanzwe kugirango umwami avuke, ariko ko ibyo byari bimwe mu byateganijwe n’Imana kuri Nyagasani Yesu. Yayoboraga Mariya na Yosefu kandi ikabaha ibyo bakeneye byose.</i> <i>Muganire ku kuntu Abayuda bari bategereje umwami wabo wagombaga kwima ingoma, nyamara Yesu yavukanye n’amatungo. Sobanura uburyo tutagomba gushidikanya Imana no gutekereza ko ibintu bibaho mu buryo runaka.</i> Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Kuvuka kwa Yesu.	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: - Umwami Herode ni we wari ku ngoma igihe Yesu yavukaga. - Abanyabwenge bari bakoze urugendo bava iburasirazuba kandi babonye inyenyeri ibamenyesha ko hagomba kuvuka umwami mushya. Babajije Umwami Herode uwo mwami uwo ari we. <i>(umurongo 1-2)</i> - Umwami Herode yababajwe n’ayo makuru, ko hashobora kubaho undi mwami washoboraga kumusimbura ku ntebe y’ubwami. Yibwiraga ko uwo mwana ukivuka adashobora kuba umwami wemewe wa Isiraheli, nk’uko Umwami Yesu yari ameze. Yashidikanyaga rero kuri uyu “mwami”. <i>(umurongo wa 3)</i> - Yabwiye abanyabwenge kuja gushaka uyu mwami kugira ngo na we amuramye. Ariko Herode yari afite umugambi wo kwica uwo umwana. <i>(umurongo 7-8)</i> - Abanyabwenge bakurikiranye inyenyeri basanga umwana aho mu rugo aho yari ari. Birashoboka ko yari afite umwaka umwe cyangwa ibiri igihe bahageraga. Bamubonye, barishimye cyane! Baramuramya kandi bamuha impano za zahabu, imibavu, na mira. <i>(umurongo 10-11)</i> - Imana yari yabwiye abanyabwenge mu nzizi gutaha banyuze indi nzira kugirango birinde Umwami Herode kuko yashakaga kwica Yesu. Bumviye Imana bahindura inzira yo kurinda Yesu. <i>(umurongo wa 12)</i> - Gereranya uko abanyabwenge bitwaye igihe Yesu yavukaga n’imbere ya Herode. Bamenye ko Yesu ari Mesiya, Umukiza w’isi, mu gihe Herode we yabonaga ko Yesu abangamiye intebe ye. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzuzwa Isomo 3. Erekana: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Kuramya umucunguzi
KURISUBIRAMO	Mu matsinda mato, andika inkuru y’ikinyamakuru cya Betelehemu kugirango utangaze ivuka rya Yesu.	Baza abanyeshuri ku myigire y’uyu muni nk’uburyo bwo gusuzuma isomo no kubafasha mu kwiga 3.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Abantu ntibigeze bamenya Yesu igihe yavukiye kuko batari bazi ibye. Turamuzi ubu, ariko se twari twamubona? Ntitumona gusa nk’umwana uri mu kiraro kuri Noheli? Cyangwa ni we Mukiza dukwiye gushaka ko abana natwe iminsi yose? - Yesu yabaye umuntu kugirango ajye ku musaraba ngo apfe kubw’ibyaha byacu. Ese dusobanukiwe neza gahunda ikomeye y’Imana ku by’agakiza?	Ni iki twakwigira kuri iri somo? - Tumeze nk’abanyabwenge mu nkuru? Turashaka Umwami Yesu ngo tumuhimbaze ndetse tumuhe impano? Cyangwa turateganya ko azaduha impano akadufasha kandi natwe ntacyo tumuha mu bisubizo byacu? - Abafite gushishoza baracyashakisha kandi bagasenga Yesu muri iki gihe, atari kubyo bashobora kubona ahubwo kubo ari we.

	B12 – ICYICIRO CYA 3 Isomo rya 4 – Ibyishimo bya Noheli Umutwe – Ubutumwa bwa Malayika	B12 – ICYICIRO CYA 4 Isomo rya 4 – Ibyishimo bya Noheli Umutwe – Agakiza!
	Gusoma Bibiliya: <i>Luka 2: 8-20</i> Uw’ingenzi: <i>Luka 2: 11</i> Turi bwige ko: 1. Abamarayika bo mu ijuru bashimishijwe n’ivuka ry’Umwami Yesu, Umwana w’Imana. 2. Abungeri bashimishijwe no guhura n’umwana Yesu nyuma y’ibyo bumvanye abamarayika. 3. Natwe, dukwiye kwishima no kwishimira ivuka rya Yesu.	Gusoma Bibiliya: <i>Luke 2: 25-40</i> Uw’ingenzi: <i>Yesaya 7: 14</i> Turi bwige ko: 1. Abantu bishimiye ukuza kwa Yesu. 2. Habaho imvugo zitandukanye kuri Yesu. Abantu bari bagiyeye kwakira Yesu bashoboraga kumwishimira cyangwa bakamwanga rwose. 3. Umwami Yesu ni agakiza k’Imana, yoherejwe kuba umucyo mu isi.
GUTANGIRA ISOMO	Tekereza uburyo ivuka ry’umwana risanzwe ritangazwa, wenda n’ababyeyi babo, hakoresheje ikarita cyangwa n’amafoto y’umwana. Hariho umunezero n’ibyishimo. Sobanura uburyo Yesu atari umwana usanzwe ku buryo ivuka rye ritagombaga gutangazwa mu buryo busanzwe!	Iyo umwana avutse, haba umunezero mwinshi kuko abantu baba bategereje ko ameze icyenda yuzura.. Sobanura ko abantu tugiye kwiga muri ubu bushakashatsi bari bategereje ubuzima bwabo bwose kugirango bahure n’uyu mwana wasezeranijwe - bagomba kuba barishimiye ko amaherezo yaje!
KURYIGISHA	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Ijoro Yesu yavutse, abungeri bari mu rwuri bareba intama zabo. Erekanako, mu bisanzwe, ijoro intama ziba zituye kandi bishoboka ko haba hari umwijima. (umurongo wa 8) 2. Ariko muri iri joro, umumarayika ababonekera bese bafite ubwoba! Baza abanyeshuri uko bari kubyumva. (umurongo wa 9) 3. Umumarayika yari yaje kubabwira ibya Yesu, Umukiza, wavutse. (umurongo wa 11) 4. Hanyuma n’abamarayika benshi bagaragara hamwe n’umumarayika baririmbira Imana, bishimira ukuza kwa Yesu ku isi. (umurongo wa 13-14) Sobanura uburyo iryo yerekwira ryari ryiza ku bashumba. 5. Abamarayika bamaze kugenda, abungeri bihuriye kujya kureba umwana ubwabo. Reba uko bashobora kuba barumvise muri iki gihe; birashoboka ko batekerereye ko babyitekerereje, cyangwa ko marayika yibeshye. (umurongo wa 15) 6. Basanze umwana nk’uko marayika yabisobanuye! Bashimye kandi bahimbaza Imana, batangira kubwira abantu bese iby’uyu Mukiza wavutse. (umurongo wa 16-17) 7. Tekereza ukuntu abungeri bashimishijwe no kubona uyu mwana w’umuhungu n’uburyo bahise batangira kubwira abantu ibye. Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 4. Erekanako: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Ubutumwa bwa Malayika	Vuga inkuru ya Bibiliya Ganira n’abanyeshuri kandi usobanure: 1. Simeyoni yari umuntu wumvira kandi wizera Imana cyane. (umurongo wa 25) 2. Umwuka Wera yari yarasezeranije Simeyoni ko atazapfa atabonye Mesiya wari utegerejwe (umurongo wa 26) <i>Muganire ku buryo Simeon agomba kuba yarumvise ashaje, ukibaza niba ibi bizasohora cyangwa bitazabaho.</i> 3. Umunsi umwe, Simeyoni yari ku rusengero igihe Mariya na Yosefu bahageraga hamwe n’umwana Yesu. 4. Simeyoni yarishimiye cyane, ahimbaza Imana, kandi aha umugisha umwana. (umurongo wa 27-28) 5. Muri Luka 2: 31-35 Simeyoni yavuze ko azaba umunezero ku bantu benshi ariko ko benshi bazamurwanya. Shakisha icyo Simeyoni yashakaga kuvuga. 6. Ana, umuhanuzi, nawe yari ahari mu rusengero. Yahoraga ku rusengero, asenga kandi yiyiriza ubusa. (umurongo wa 36-37) 7. Abonye umwana Yesu, asingira Imana atangira kubwira abantu bese ibimwerekaye. (umurongo wa 38) 8. Yesu yasubiye mu rugo hamwe n’ababyeyi be arakura, aba umunyabwenge. Imana yaramwishimiye. <i>Sobanura uburyo Yesu yaba atandukanye nabandi bana bangana na We.</i> 9. <i>Reba uko Mariya na Yosefu bagomba kuba barumvise uko Simeyoni na Anna bajyaga kubwitwaramo.</i> Sobanura Umurongo w’urufunguzo kandi ushishikarize abanyeshuri kuwiga. Kuzaza Isomo 4. Erekanako: Reba muri FBI iri ku Mugereka B – Ibitangaza bya Noheli
KURISUBIRAMO	Kora inyandiko imanikwa ku rukuta yerekana uburyo utekerezaga iri tangazo ry’amavuko ryajyaga kuba rimeze. Shyiramo ibyo umumarayika yavuze (reba Umurongo Wingenzi) mu byerekanwe.	Mariya & Yosefu bagomba kuba barumvise barenzwe n’ibyishimo byose kubw’umuhungu wabo. Iga Umurongo w’ingenzi hanyuma uganire n’itsinda uko umurongo uvuga mu ncamake inyigisho yizwe uyu munsi.
KURICENGERA	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Ese twarishimiye nk’abashumba kubwira abandi amateka ya Yesu? Uratekerezaga rwose ko ivuka ryeryari ryiza nk’iryo. 2. Twizihiza Noheri kubw’impamvu zikwiye? Byose biyanye n’impano n’ibirori cyangwa twishimira ko Yesu yaje ku isi kugira ngo atubere Umukiza? (Reba 2 Abakorinto 9; 15)	Ni iki twakwigira kuri iri somo? 1. Simeyoni na Ana bari abantu bubaha Imana. Ese twiyegurira Imana ubuzima bwacu? Turamusenga kandi dusoma Bibiliya zacu? 2. Mu murongo w’ingenzi, havugaga ko Yesu agomba kwitwira “Imanweli” bisobanura “Imana iri kumwe natwe”. Turamutse twizeye ibi, twabaho dute ubuzima bwacu?

Kuyobora abarimu bakosora amasomo

Amasomo y'icyiciro cya 3

- Abanyeshuri ntibashobora kwiga aya masomo ngo bayarangize badakoresheje Bibiliya kandi bashobora no gusoma indi mironko ya Bibiliya, mikeya cyangwa myinshi.
- Ibibazo bibazwa biri mu buryo butandukanye bukubiyemo amagambo yambukiranyaga hamwe n'amagambo asobekeranye, amagambo aburamo, n'ibindi.
- Ibibazo byateguriwe yateguriwe cyane gusubizwa hakoreshejwe Bibiliya Yera y'amacapiro ya NIV, Good News, RSV New King James, Bibiliya zose zemewe ndetse na Bibiliya isanzwe yanditse mu rurimi ry'Icyongereza.
- Icy'ingenzi kuri twe ni uko abanyeshuri bose, na Bibiliya yose baba bafite, bazashobora gusubiza ibibazo.
- Buri cyumweru hatangwa amanota 20, ni ukuvuga amanota 80 atarengwa mu kwezi, igihe amasomo yose arangiye neza.
- Ku Cyiciro cya 3 - Ubundi hateganyijwe inota 1 kuri buri kibazo, nk'uko byasobanuye

Amasomo y'icyiciro cya 4

- Izi nizo nyandiko zisa n'aho zikomeye ugereranyije n'amasomo y'icyiciro cya 3.
- Murasabwa kwitondera ibibazo n'ibisubizo bitangwa
- Hazajya hatangwa amanota makumyabiri buri cyumweru na 80 ku kwezi, mu gihe amasomo yarangiye neza ndetse n'ibisubizo byuzuye.

UBURYO BWO GUKOSORA

Mbere na mbere, abarimu barasabwa:

- Tanga amanota uko biteganyijwe
- Koresha buri gihe ibara ritandukanye kandi ushyiye akamenyetso ku gisubizo cy'ukuri
- Shyiramo igisubizo nyacyo, aho biri ngombwa kandi ukosore gusa amakosa y'imyandikire, n'ubwo NTA manota agomba gukurwaho kubera ibyo.
- Tanga amanota makeya nibura ku bisubizo bituzuye.
- Kora igiteranyo cy'ukwezi hanyuma ucyandike ku rupapuro rw'inyuma mu mwanya wabugenewe.
- Kureba neza buri somo no gushyira akamenyetso ku gisubizo nyacyo cyangwa kitari cyo.
- Gushyiraho amanota akwiriye nk'uko byateganyijwe
- Buri gihe koresha ibara ritandukanye igihe ukosora cyangwa ushyira AKAMENYETSO kuri buri gisubizo cy'ukuri.
- Andika igisubizo cy'ukuri aho gikwiye kujya kandi ukosore amakosa y'imyandikire, n'ubwo NTA manota akurwaho.
- Tanga amanota agereranyije ku bisubizo byasubijwe igice cyangwa bituzuye
- Kora igiteranyo cy'amanota y'ukwezi hanyuma uyandike ku rupapuro rw'inyuma mu mwanya wabugenewe.

Ni ngombwa ko ushyiramo ubumuntu n'ubugiraneza kugira ngo utere umwete abanyeshuri biga Amasomo ya Bibiliya. Birafasha cyane iyo buri kwezi umwarimu yanditse akajamba gatera abanyeshuri imbaraga kandi hari umwanya wateganyijwe aho ashobora kubandikira ku mpera y'urupapuro. Ushobora kugira inyunganizi utanga ku mabara yakoreshejwe, umukono w'umunyeshuri, amanota yabonye, uko umunyeshuri yumvise isomo, n'ibindi.

Tugerageza kugira icyo tuvugaga ku nyunganizi zinyuranye zatanze; haba ku bibabwo, imvugo, ibigomba kwitonderwa, umwete umunyeshuri agaragaza, n'ibindi. Byose bishobora gukoreshwa kugira ngo itandukaniro ribashe kugaragara. Bisaba kubitekerezaho, ariko ni ngombwa kugira ngo ubashe gushishikaza umunyeshuri. Niba inyunganizi cyangwa ikibazo cyatanze gihora kigaruka buri kwezi, bituma gitakaza agaciro cyari gifite.

ICYICIRO 3

Inyunganizi muri rusange

"Byiza cyane! Rwose wasomye neza ibibazo ubyitondeye. Nifuzaga ko usubiza ikibazo cya cyuma uko cyatanze."

"Uraho Yonatani we! Warakoze ku bisubizo byiza watanze. Ni byiza cyane ko wedaga kuzuza ibibazo byose. Nagerageje kukwereka ibyo wari wibagiye."

Inyunganizi mu by'Umwuka

"Mose yagiye agira ibihe bigoye mu bana a Isiraheli, ariko Imana ntiyigeze imutererana ngo yisubirize ibibazo yahuye na byo."

"Yosefu ntiyigeze yibagirwa na rimwe koi se yamutoje gukunda Imana. Ibyo yarabyibutse no mu gihe yari kure y'iwabo."

"Barutimayo yari yiyemeje gukurikira Umwami Yesu. Ntiyigeze akorwa n'ikimwaro kuko yabashije kwitegereza maze akabona ko Umwami Yesu ari umuntu udasanzwe."

ICYICIRO 4

Inyunganizi muri rusange

"Andi masomo meza cyane! Urasa n'usobanukiye neza izindi nkuru zo muri Bibiliya kandi ndizera neza rwose ko wazishimiye. Warakoze kubw'umwanya wafashe wo kwiga aya masomo ubyitondeye. Bizagufasha kuyanyuramo neza, kubw; ibyo ndagushimira umwete wagize."

"Rasheli we warakoze. Ndibwira ko kubw'ibisubizo byawe, ushobora kuba utarasobanukiye neza, ariko uzagerageze kongera kunyura mu nyigisho."

Ibisubizo by'Umwuka

"Imigani rimwe na rimwe yitwa inkuru z'isi, ikagira ibisobanuro byimbitse. Ushobora gutekereza ku gisobanuro cyimbitse kiri mu migani y'Icyiciro cya 3?" "Sitefano yapfuye urupfu rw'agashinyaguro, ariko ntiyigeze agira ubwoba bwo gupfa, kuko yari azi ko Imana ibyitegereza kandi aza kubana n'Umwami Yesu mu Ijuru."

Umugereka A – icyiciro cya 3 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

	Umutwe	Amashusho yo mu nkuru
B7	Yosefu	Abatasi mu Egipta
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-ruler/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-brothers-1/
		Benyamini n’amakuru mabi!
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers-return/
		Imbabazi& Amakuru meza!
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-reunion/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-jacob/
		Bose muri Egipta
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-reunion/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-jacob/
B8	Abanditsi b’Ubutumwa Bwiza	Matayo
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-jesus-matthew/
		Mariko
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-man-leprosy/
		Luka
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-ascension/
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-birth/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-twelve/
		Yohana
		https://www.freebibleimages.org/photos/shepherds-sheep/
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-5000/
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus2/
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-blind-man-pharisees/
B9	Mose	Uruhinja mu gitebo
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-reunion/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/baby-moses/
		Ikosa rye rikomeye
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-prince/
		Igihuru cyaka umuriro
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-prince/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-burning-bush/
		Kuzana Ubutumwa bw’Imana
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-pharaoh/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-plagues-1/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-plagues-2/

Umugereka B – icyiciro cya 3 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

	Umutwe	Amashusho yo mu nkuru
B10	Mose	Intama ya Pasika
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-plagues-2/
		Inyanja Itukura
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-red-sea/
		Urugendo ruruhije cyane
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/maps-egypt/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-food-water/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-amalekites/
		Inzoka y’Umuringo
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-serpent/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/bj-maps-egypt-canaan/
B11	Mose	Guhura n’Imana
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-sinai/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-001-word-flesh/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/the-tabernacle/
		Kumenya Imana
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-objects/
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-rich-man/
		Gusuzugura Imana
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-golden-calf/
B12	Inkuru ya Noheli	Amasezerano y’Imana
		https://www.freebibleimages.org/photos/prophecies-birth-jesus/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/maps-israel-nt/
		Igitangaza cya Mariya
		https://www.freebibleimages.org/photos/mary-angel/
		Ukuvuka kwa Yesu
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-birth/
		Ubutumwa bwa Malayika
		https://www.freebibleimages.org/photos/shepherds-angels/

Umugereka A – icyiciro cya 4 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

	Umutwe	Amashusho yo mu nkuru
B7	Yosefu	Mulungu analenga dziko lonse
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-slave/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-potiphar/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-baker-cupbearer/
		Kuzamurwa mu ntera kwe i bwami
		https://www.freebibleimages.org/photos/pharaoh-dreams/
		Umwifato we wo kwita ku bandi
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers-return/
		Imbabazi ze zuzuye
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-brothers-return/
		https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-jacob/
B8	Kuzamurwa mu ntera	Abakristo twese hamwe
		https://freebibleimages.org/illustrations/pentecost/
		Umubatizo wa Gikristo
		https://www.freebibleimages.org/photos/john-baptist/
		Ameza y'Umwami
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/last-supper-jesus/
		https://www.freebibleimages.org/photos/last-supper/
B9	Mose	Igikomangoma
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/ten-minute-ot-1/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/baby-moses/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-prince/
		Umushumba
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-burning-bush/
		Umuyobozi
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-pharaoh/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-plagues-1/
		Umutabazi
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-plagues-2/

Umugereka B – icyiciro cya 4 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

	Umutwe	Amashusho yo mu nkuru
B10	Mose	Kunyura mu Nyanja Itukura
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-red-sea/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/bj-maps-egypt-canaan/
		Ku Musozi wa Sinayi
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-sinai/
		Mu gihuru cyaka umuriro
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-golden-calf/
		Mu butayu
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/bj-maps-egypt-canaan/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-serpent/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/hm-nicodemus/
B11	Itegeko	Imana imwe
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-001-word-flesh/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/moses-golden-calf/
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus3/
		Inzira y’Imana
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-alive/
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-crippled-woman/
		Imana mbere
		https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-teaching/
		https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-rich-man/
		Ijambo ry’Imana
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/isc-objects/
B12	Inkuru ya Noheli	Umwana w’Umuhungu yatuvukiye
		https://www.freebibleimages.org/photos/mary-angel/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/bj-jesus-journeys/
		https://www.freebibleimages.org/illustrations/maps-israel-nt/
		Umucunguzi yabonetse
		https://www.freebibleimages.org/photos/shepherds-angels/
		Kuramya Umwami
		https://www.freebibleimages.org/photos/wise-men/
		Igitangaza cya Noheli
		https://www.freebibleimages.org/photos/simeon-anna-temple/
		https://www.freebibleimages.org/photos/prophecies-birth-jesus/



© Bible Educational Services 2020

www.besweb.com

Registered Charity UK CIO 1186004

RW - 10/2025